

<p>UMUSHINGA W'ITEGEKO N°RYO KU WA.....RIGENGA IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO W'ABASHYINGIRANYWE, IMPANO ZITANZWE MU RWEGO RW'UMURYANGO N'IZUNGURA</p>	<p>LAW N°OF.....REGARDING MATRIMONIAL REGIMES, FAMILY DONATIONS AND SUCCESSIONS</p>	<p>PROJET DE LOI N° DU PORTANT RÉGIMES MATRIMONIAUX, LIBÉRALITÉS A CARACTERE FAMILIAL ET SUCCESSIONS</p>
<p>Twebwe, KAGAME Paul,</p>	<p>We, KAGAME Paul,</p>	<p>Nous, KAGAME Paul,</p>
<p>Perezida wa Repubulika,</p>	<p>The President of the Republic</p>	<p>Président de la République;</p>
<p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBUBULIKA Y'U RWANDA.</p>	<p>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.</p>	<p>LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.</p>
<p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</p>	<p>THE PARLIAMENT:</p>	<p>LE PARLEMENT :</p>
<p>Umutwe w'abadepite, mu nama yawo yo ku wa</p>	<p>The Chamber of Deputies, in its session of</p>	<p>La Chambre des Députés, en sa séance du</p>
<p>Ishingiye ku Itegeko-Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo za 26, iya 27, iya 28, iya 62, iya 88, iya 90, iya 108, iya 118, iya 121, n'iya 201;</p>	<p>Pursuant the Constitution of the Republic of Rwanda of 4 June 2003, as amended to date, especially in Articles 26, 27, 28, 62, 88, 90, 108, 118, 121, and 201;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 26, 27, 28, 62, 88, 90, 108, 118, 121 et 201 ;</p>
<p>Isubiye ku Itegeko n° 22/99 ryo ku wa 12 Ugushyngiro 1999 ryuzuzaga igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye</p>	<p>Having reviewed the Law n° 22/99 of 12 November 1999 to supplement Book One of the Civil Code and to institute Part Five regarding Matrimonial Regimes, Liberalities and Successions;</p>	<p>Revu la Loi n° 22/99 du 12/11/1999 complétant le livre premier du code civil et instituant la cinquième partie relative aux régimes matrimoniaux, aux libéralités et aux</p>

<p>imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura;</p> <p>YEMEJE:</p> <p><u>INTERURO YA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE</p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> icyo iri tegeko rigamije</p> <p>Iri tegeko rigenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano zitanzwe mu rwego rw'umuryango n'izungura</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Ibisobanuro by'amagambo</p> <p>Muri iri tegeko, usibye aho bivugitse ukundi, amagambo akurikira asobanura:</p> <p>1° Imicungire y'umutungo w'abashyinginwa: amabwiriza yose agenga uburyo abashyingiranwe bazajya umutungo wabo mu gihe babana nk'umugabo n'umugore;</p> <p>2° Uburyo bw'ivangamutungo rusange: amasezerano abashyingiranwe bagirana bumvikana gushyira hamwe umutungo wabo wose, ibyimukanwa n'ibitimukanwa kimwe n'imyenda yabo;</p> <p>3° Uburyo bw'ivangamutungo w'umuhahano: amasezerano abashyingiranwe bagirana bumvikana</p>	<p>HEREBY ADOPTS:</p> <p><u>TITLE ONE:</u> GENERAL PROVISIONS</p> <p><u>Article One:</u> Purpose of this Law</p> <p>This Law regulates matrimonial regimes, family donations and succession.</p> <p><u>Article 2:</u> Definition of terms</p> <p>In this Law, except where the context indicates otherwise, the following terms shall be defined as follows:</p> <p>1° Matrimonial regime: the body of rules governing the agreement between spouses regarding the management and distribution of their property;</p> <p>2° Community property regime: a contract by which the spouses opt for a marriage settlement based on joint ownership of their movable and immovable property and debts;</p> <p>3° Limited community property regime: a contract by which spouses agree to pool some of their respective property owned on the day of</p>	<p>successions ;</p> <p>ADOPTE :</p> <p><u>TITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GENERALES</p> <p><u>Article premier:</u> Objet de la présente loi</p> <p>La présente loi régit les régimes matrimoniaux, libéralités et successions.</p> <p><u>Article 2:</u> Définition des termes</p> <p>Pour la présente loi, excepté où le contexte en dispose autrement, les termes suivants sont définis comme suit:</p> <p>1° Régime matrimonial: l'ensemble de règles qui régissent la façon dont les époux conviennent de gérer leurs biens pendant le mariage ;</p> <p>2° Régime de la communauté universelle: contrat par lequel les époux conviennent de mettre en commun tous leurs biens, tant meubles qu'immeubles, ainsi que toutes leurs dettes ;</p> <p>3° Régime de la communauté réduite aux acquêts: contrat par lequel les époux conviennent de mettre en commun leurs</p>
---	--	---

<p>gushyira hamwe ibyo buri wese yazanye igihe cy'ishyiringirwa kugira ngo bibe iremezo ry'ibihahano, kimwe n'ibyo bungutse mu mibanire yabo, bakorera hamwe cyangwa buri wese ku giti cye, byaba impano cyangwa ibizungurwa;</p> <p>4° Uburyo bw'ivanguramutungo risesuye: amaseserano abashyiringiranywe bagirana bumvikana gufatanya gucunga urugo rwabo hakurikijwe ubushobozi bwa buri wese, bakagumana ugucunga, ukwikenuza, gutanga no kugurisha umutungo wabo bwite;</p> <p>5° Umutungo: Ibintu byose umuntu atunze, bigizwe n'ibintu bifatika n'ibidafatika, hamwe n'uburenganzira ndetse n'imyenda kuri ibyo bintu;</p> <p>6° Umutungo usizwe na nyakwigendera: umutungo wose upfuye asize akaba ari na wo ugomba kuzungurwa;</p> <p>7° Impano zitanzwe mu rwego rw'umuryango: Byitwa impano itanzwe mu rwego rw'umuryango, iyo abashyiringiranywe cyangwa umwe muri bo atanze cyangwa ahawe nta kiguzi uburenganzira ku kintu runaka;</p> <p>8° Umucuruzi: umuntu ukora ibikorwa by'ubucuruzi nk'uko bisobanurwa mu</p>	<p>the marriage celebration, creating the community property to which any property acquired during the marriage by a common or separate activity, donation, legacy or succession shall be added;</p> <p>4° Separation of property regime: a contract by which spouses agree to contribute to the expenses of the household in proportion to their respective abilities while retaining the right to enjoy, administer and freely dispose of their personal property;</p> <p>5° Patrimony: all the property of a person, including real and personal property, and all rights and debts;</p> <p>6° Estate: the entire patrimony of a person remaining after his/her death;</p> <p>7° Family donation: an act by which one or both of the spouses gratuitously transfers or acquires a patrimonial right, which has an effect on the entire family;</p> <p>8° Business person: any person who engages in commercial activities, defined under the</p>	<p>apports respectifs au jour de la célébration du mariage, pour constituer la base des acquêts ainsi que les biens acquis, pendant le mariage, par l'activité commune ou séparée, à titre de don ou de succession ;</p> <p>4° Régime de la séparation des biens: contrat par lequel les époux conviennent de conserver l'administration, la jouissance et la libre disposition de leurs patrimoines propres, sous réserve de contribuer aux charges du ménage à proportion de leurs facultés respectives ;</p> <p>5° Patrimoine: tous les biens d'une personne, comprenant les biens réels et personnels ainsi les droits et dettes sur ses biens ;</p> <p>6° Patrimoine à succéder: tous les biens laissés par le De Cujus qui doivent être faire l'objet de succession ;</p> <p>7° Donation à caractère familial: acte par lequel les époux ou l'un d'eux transfèrent ou reçoivent à titre graduit un droit patrimonial ;</p> <p>8° Commerçant: personne qui s'engage dans une activité commerciale, telle que</p>
---	--	--

<p>itegeko rigenga amasosiyeti y'ubucuruzi;</p> <p>9° Umugabane w'ibishobora gutangwa: umugabane w'ibintu umuntu adashobora kurenza igihe akora impano;</p> <p>10° Ubuhemu bw'uwahawe: iyo uwahawe yishe abishaka cyangwa agambiriye kwica uwamuhaye, iyo agiriye nabi cyangwa atutse bikabije uwamuhaye, n'iyi amureze amubeshyera cyangwa amutangiyeye ubuhamya butari bwo;</p> <p>11° Itanga ry'umunani: igikorwa ababyeyi bakora bakiriho kigamije kugabira umutungo abana babo cyangwa ababakomokaho bagahita bawegukana, bikitwa ko bashoje inshingano yo kubarera no kububakira;</p> <p>12° Izungura: guhabwa ububasha n'inshingano ku mutungo n'imyenda by'uwapfuye wiswe nyakwigendera;</p> <p>13° Irage: igikorwa mbonezamategeko, kigirwa n'umwe mubo kireba, gishobora guseswa kandi kigakorwa muri bumwe mu buryo buteganywa n'itegeko, aho umuntu agena</p>	<p>Companies Law;</p> <p>9° Transferable quota: a portion of someone's property that he/she is allowed to freely transfer by donation or will;</p> <p>10° Ingratitude: when the donee has intentionally caused the death or attempted to kill the donor, or when the donee has been found guilty of ill-treatment or serious physical harm of the donor, false accusations about the donor, or perjury against the donor;</p> <p>11° Ascending partition: an act accomplished by a parent while s/he is still alive, by which s/he divides his/her patrimony between the children or descendants, who immediately acquire full ownership of the portion given to them. This partition is regarded as the accomplishment of parents' duties to educate their children and provide them with a personal patrimony;</p> <p>12° Succession: an act by which the rights and obligations on the patrimony of the deceased person (the <i>de cuius</i>) are transferred to his/her heirs;</p> <p>13° Will: a unilateral, revocable act formally executed, by which a person (the testator) determines the destination and manner of distribution of his/her patrimony after his/her</p>	<p>définie par la sur les sociétés commerciales ;</p> <p>9° Quotité disponible: partion du patrimoine d'une personne dont elle peut disposer librement par donation ou testament ;</p> <p>10° Ingratitude: lorsque le donataire a intentionnellement causé la mort ou a voulu attenter la vie du donateur, s'il s'est rendu coupable envers le donateur de sévices ou d'injures graves, de dénonciation calomnieuse ou de faux témoignage ;</p> <p>11° Partage d'ascendant: acte accompli par des parents de leur vivant, par lequel ils partagent leur patrimoine entre leurs enfants ou leur descendants qui en deviennent, chacun pour la portion lui dévolu, propriétaires. Ce partage vaut accomplissement des devoirs des parents d'éduquer et de donner un patrimoine propre à leurs enfants ;</p> <p>12° Succession: acte par lequel les droits et les obligations sur le patrimoine d'une personne décédée, appelée de cuius, sont transférés à l'héritier ;</p> <p>13° Testament: act juridique unilatéral, révocable, établi dans l'une des formes prévues par la loi, par lequel une personne détermine la destination de son</p>
--	---	--

<p>amerekezo y'ibintu bye igihe azaba atakiriho;</p> <p>14° Kuraga: kwikuraho ibintu nta kiguzi bikozwe mu buryo bw'irage, nyir'ukuragwa akabyegukana ari uko uraga apfuye;</p> <p>15° Iyegeranya ry'umutungo uzungurwa Kwegeranya ibizungurwa: ukugaragaza abazungura no kubahamagara mu izungura, kugaragaza ibigize umutungo uzungurwa, gukora ibarura ry'ibintu bigize umutungo uzungurwa, kwishyura imyenda nyakwigendera yari aberewemo no kwishyura imyenda ikurwa ku murage ndetse no gutanga imirage ku bintu bizwi nyakwigendera yasize akoze. Ni ukugaragaza uburenganzira bw'abashakanye bushingiye ku buryo bw'imicungire y'umutungo wabo hakurikijwe amategeko agenga iseswa ry'uburyo bw'imicungire y'umutungo ku mpamvu z'urupfu rw'umwe mu bashakanye;</p> <p>16° Ibizungurwa bizigamirwa: umutungo umuntu atemerewe gutanga cyangwa kuraga kuko uba ugenewe abazungura bazigamiwe. 'utanga havanywemo imyenda yari afite;</p> <p>17° Iyegurirwa (ry'izungura): Igikorwa cyo guha uzungura ibyo agomba kuzungura.</p>	<p>death;</p> <p>14° Legacy: a gratuitous act made in a will by which the recipient (or legatee) acquires full ownership after the death of the testator;</p> <p>15° Liquidation: the process by which the liquidator (or executor) identifies and notifies all successors to a person's estate, determines the contents of the estate, takes an inventory and establishes all the property that makes up the estate, recovers any credit and pays any debts on the property, and distributes legacies by particular title;</p> <p>16° Successoral reserve: the portion of someone's property that he/she is not allowed to transfer by donation or testament because it is reserved for his/her designated heirs;</p> <p>17° Devolution of succession: the passing of property from the deceased person to his/her successors.</p>	<p>patrimoine après sa mort ;</p> <p>14° Legs: disposition à titre gratuit faite par testament, le légataire n'en acquérant la propriété qu'après la mort du testateur ;</p> <p>15° Liquidation: acte consistant à identifier et à appeler les successibles, à déterminer le contenu de la succession, à établir l'inventaire des biens formant la masse successorale, à recouvrer les créances, à payer les dettes de la succession et à payer les legs particuliers ;</p> <p>16° Reserve successorale: portion du patrimoine d'une personne dont elle ne peut pas dépasser par donation ou par testament, parce que réservée aux héritiers réservataires ;</p> <p>17° Dévolution successorale: transfert de l'héritage aux successibles.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 3: Isezerano ry’ugushyingirwa</u></p> <p>Uburyo abashakanye bahisemo kuzacunga umutungo wabo bugomba kwandikwa mu isezerano ry’ugushyingirwa, rikorerwa imbere y’umwanditsi w’irangamimerere, ba nyir’ubwite bombi bahibereye kandi babyemeranyijweho. Inyandiko yabugenewe iteganywa n’Iteka rya Minisitiri ufite irangamimerere mu nshingano ze igomba guhita yuzuzwa.</p> <p>Uburyo bwo gucunga umutungo butangira gukurikizwa ku munsu imihango y’ishyingirwa yabaye. Mbere yayo, abitegura gushyingirwa bashobora kubuhindura uko babishatse.</p> <p>Niba ugushyingirwa kutarakurikiwe no kubana kw’abashyingiranywe, hanyuma iryo sezerano rikaza kuvanwaho ku mpamvu iyo ariyo yose, amasezerano yo gucunga umutungo ntabwo ashirwa mu bikorwa.</p> <p><u>INTERURO YA II: IMICUNGIRE Y’UMUTUNGO W’ABASHYINGIRANYWE</u></p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: UBWOKO BW’IMICUNGIRE Y’UMUTUNGO W’ABASHYINGIRANYWE</u></p> <p><u>Ingingo ya 4: Ubwoko bw’imicungire y’umutungo w’abashyingiranywe</u></p> <p>Abagiye gushyingirwa bahitamo bumwe mu buryo bw’icungamutungo bukurikira:</p>	<p><u>Article 3: Contract of marriage</u></p> <p>The matrimonial regime chosen by spouses shall be recorded in the contract of marriage, which is drafted before the Civil Status Officer in the presence and with the consent of both spouses. A standardized form provided by the Order of the Minister in charge of Civil Status must be immediately filled.</p> <p>The matrimonial regime shall take effect on the date of the civil marriage. Before the civil marriage, the future spouses may decide to modify it.</p> <p>If after the civil marriage, there is no cohabitation and subsequently marriage is nullified for any reason, the matrimonial regime shall have no effect.</p> <p><u>TITLE II: MATRIMONIAL REGIMES</u></p> <p><u>CHAPTER ONE: TYPES OF MATRIMONIAL REGIMES</u></p> <p><u>Article 4: Types of matrimonial regimes</u></p> <p>The future spouses shall choose one of the following matrimonial regimes:</p>	<p><u>Article 3 : Contrat de mariage</u></p> <p>Le régime matrimonial choisi est consigné dans un contrat de mariage, rédigé devant l’officier de l’état civil, en la présence et avec le consentement des futurs époux. Un formulaire <i>ad hoc</i> prévu par un arrêté du Ministre ayant l’état civil dans ses attributions doit immédiatement être rempli.</p> <p>Le régime matrimonial prend effet au jour de la célébration du mariage. Avant cette célébration, les futurs époux peuvent le modifier à leur gré.</p> <p>Si après cette célébration le mariage n’est pas suivi de cohabitation, et que le mariage est dissout pour une cause quelconque, le régime matrimonial ne produit aucun effet.</p> <p><u>TITRE II: REGIMES MATRIMONIAUX</u></p> <p><u>CHAPITRE PREMIER : TYPES DE REGIMES MATRIMONIAUX</u></p> <p><u>Article 4 : Types de régimes matrimoniaux</u></p> <p>Les futurs époux déclarent qu’ils entendent se marier sous l’un des régimes matrimoniaux suivants :</p>
--	---	--

<p>1° Ivangamutungo rusange;</p> <p>2° Ivangamutungo w'umuhahano;</p> <p>3° Ivanguramutungo risesuye</p> <p>Abashyingiranywe batagize icyo bahitamo igihe cy'amasezerano yo gushyingirwa, imicungire y'umutungo wabo ikurikizwa ni ivangamutungo rusange.</p> <p><u>Icyiciro cya mbere: Ivangamutungo rusange</u></p> <p><u>Ingingo ya 5: Imicungire y'umutungo w'abashyingirwanywe bavanze umutungo</u></p> <p>Gucunga umutungo bijyana n'ububasha bwo kuwukoresha uko bikwiye, kuwikenusa, kuwutanga no kuwugurisha haseguriwe ibyo amategeko ateganya.</p> <p>Abashyingiranwe bavanze umutungo ku buryo busesuye bacungira hamwe umutungo wabo, kandi bakagira ububasha bungana bwo kuwukurikirana no kuwuhagararira.</p> <p>Umutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa wanditse ku izina ry'umwe mu bashyingiranywe ugomba kwandikwa no kuri mugenzi we kugira ngo na we awugireho uruhare.</p>	<p>1° community property;</p> <p>2° limited community property;</p> <p>3° separation of property.</p> <p>If the spouses make no election, they shall be married under the community property regime.</p> <p><u>Section One: Community property regime</u></p> <p><u>Article 5: Management of property in the community property regime</u></p> <p>Subject to exceptions provided by the law, the management of property comprises the powers of administration, enjoyment and disposition.</p> <p>Spouses under this regime manage the patrimony together and have the same right to recover the property if taken, and act as legal representative of the property.</p> <p>Immovable or movable property registered in one spouse's name shall also be registered in the other's name through a notation on the title so that the latter can also benefited from it.</p>	<p>1° le régime de la communauté universelle ;</p> <p>2° le régime de la communauté réduite aux acquêts ;</p> <p>3° le régime de la séparation des biens.</p> <p>Les époux qui n'ayant pas choisi leur régime matrimonial par contrat de mariage sont de plein droit sous le régime de la communauté universelle.</p> <p><u>Section première: Régime de la communauté universelle</u></p> <p><u>Article 5 : Gestion des biens des époux mariés sous le régime de la communauté universelle</u></p> <p>La gestion du patrimoine comprend tous les pouvoirs d'administration, de jouissance et de disposition, sous réserve des exceptions prévues par la loi.</p> <p>Les époux mariés sous le régime de la communauté universelle gèrent de commun accord le patrimoine ; ils ont aussi le même pouvoir de suivi et de représentation sur ces biens.</p> <p>Les biens immeubles ou meubles enregistrés au nom de l'un des époux doivent être enregistrés au nom de l'autre pour qu'il puisse aussi en profiter.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 6: Kwishyura imyenda yafashwe mbere</u></p> <p>Abashyingiranywe bafatanywa kwishyura imyenda yafashwe mbere y'isezerano ry'ugushyingirwa na nyuma yaryo.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Uguseswa kw'uburyo bw'ivangamutungo rusange</u></p> <p>Iyo uburyo bw'ivangamutungo rusange busheshwe ku mpamvu ziteganywa mu ngingo ya 23 y'iri tegeko, abari barashyingiranywe bagabana mu buryo bungana umutungo n'imyenda bahuriyeho. Ibikoresho bidashobora gusangirwa n'ibikoreshwa mu kazi k'umwe mu bashyingiranywe bihabwa mbere na mbere usanzwe abikoresha.</p> <p>Ababerewemo umwenda bafite uburenganzira bwo gusaba kwishyurwa imyenda yafashwe n'abashyingiranywe mbere yo gusesa uburyo bw'imicungire y'umutungo wabo. Uberewemo umwenda ahitamo gukurikirana umwe cyangwa undi mu bashyingiranwe ku mwenda wose; uwishyuye akaba yahindukirira mu genzi we asaba ko yahamagazwa ku gahato mu rubanza cyangwa yamusubiza uruhare yamutangiyeye yishyura umwenda bari basangiye.</p> <p><u>Icyiciro ya 2: Ibyerekeye ivangamutungo w'umuhahano</u></p>	<p><u>Article 6: Payment of debts contracted before the marriage</u></p> <p>Spouses are jointly liable for debts contracted before and during their marriage.</p> <p><u>Article 7: Dissolution of the community property regime</u></p> <p>If dissolution occurs for reasons provided in the Article 23 of the present Law where the marriage was under the community property regime, the spouses shall share the assets and liabilities of the community equally. Items of personal and professional use shall remain within the patrimony of the spouse who uses them.</p> <p>Creditors have the right to claim payment for debts contracted by a spouse before the dissolution of the marriage contract. The creditors may opt to claim the total payment from either spouse, and the paying spouse may then sue the other for his/her share of the joint debt.</p> <p><u>Section 2: Limited community property regime</u></p>	<p><u>Article 6 : Payement des dettes antérieures</u></p> <p>Les deux époux restent tenus conjointement des dettes nées avant ou pendant leur mariage.</p> <p><u>Article 7 : Dissolution du régime de communauté universelle</u></p> <p>En cas de dissolution du régime de la communauté universelle pour des causes prévues par l'article 23 de la présente loi, les époux se partagent par parts égales l'actif et le passif de la communauté. Les biens à usage personnel et professionnel reviennent par préférence à l'époux qui en fait usage.</p> <p>Les créanciers ont le droit de poursuivre le paiement des dettes contractées par les époux avant la dissolution du régime matrimonial. Il est au choix du créancier de poursuivre l'un ou l'autre des époux pour le paiement de la totalité de la dette, quitte à l'époux poursuivi de se retourner contre l'autre époux ou ayant droit(s), soit en intervention forcée, soit en action récursoire.</p> <p><u>Section 2: Régime de la communauté réduite aux acquêts</u></p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 8: Ibarura ry’umutungo rizaba iremezo ry’vangamutungo w’umuhahano</u></p> <p>Igihe cyo gukora amasezerano yo gushyingirwa, hashingiwe kubyo abashyingiranwa ubwabo bivugiyeye, hakorwa ibaruramutungo ryerekana umutungo n’imyenda buri wese ageneye iremezo ry’ibihahano. Iryo barura risinywa n’abagiye gushyingirwa ndetse n’umwanditsi w’irangamimerere.</p> <p>Ikintu cyose kitabarurwa ko ari rusange kiba ari icya nyiracyo.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Icuungwa ry’umutungo w’abashyingiranywe mu buryo bw’ivangamutungo w’umuhahano</u></p> <p>Abashyingiranywe bavanze umutungo w’umuhahano bacunga umutungo rusange mu buryo bumvikanyeho bombi; bafite kandi uburenganzira bungana bwo gukurikirana no guhagararira uwo mutungo basangiye.</p> <p>Buri wese afite ubasha bwo gukoresha, kwikenuza, gutanga no kugurisha umutungo yigengaho. Inyungu n’ibindi byose byabyawe n’umutungo buri wese yigengaho bishyirwa muri uwo mutungo we.</p> <p><u>Ingingo ya 10: Iyishyurwa ry’ imyenda yafashwe n’umwe mu bashakanye</u></p>	<p><u>Article 8: Inventory of patrimony to constitute the community property</u></p> <p>At the moment of the making of the marriage contract, the spouses shall create an inventory of assets and liabilities that constitute the basis of the community property. The inventory shall be signed by both the spouses and the Civil Status Officer.</p> <p>Any property that is not declared as common property shall be considered personal property.</p> <p><u>Article 9: Management of property in the limited community property regime</u></p> <p>Spouses under this regime shall agree about how common property will be managed; they have the same right to recover the property if taken, and act as legal representative of the property.</p> <p>Each spouse has the powers of administration, enjoyment and free disposal of his/her personal property. Any fruits and revenues produced by personal property benefit that person.</p> <p><u>Article 10: Payment of debts contracted by one of the spouses</u></p>	<p><u>Article 8 : Inventaire du patrimoine devant former la base de la communauté réduite aux acquêts</u></p> <p>Au moment de la rédaction du contrat de mariage, un inventaire de l’actif et du passif est établi sur base de la déclaration des biens que chaque époux apporte à la communauté. Cet inventaire est signé par les futurs époux et l’officier de l’état civil.</p> <p>Tout ce qui n'y figure pas constitue un bien propre.</p> <p><u>Article 9 : Gestion des biens des époux mariés sous le régime de la communauté réduite aux acquêts</u></p> <p>Les époux mariés sous ce régime gèrent de commun accord le patrimoine commun ; ils ont aussi le même pouvoir de suivi et de représentation sur ces biens.</p> <p>Chaque époux a l’administration, la jouissance et la libre disposition de ses biens propres. Les fruits et revenus des biens propres sont affectés au patrimoine propre de l’époux.</p> <p><u>Article 10 : Paiement des dettes contractées par l’un des conjoints</u></p>
--	---	--

<p>Inguzanyo n'imyenda byafashwe n'umwe mu bashyingiranywe mu buryo bw'ivangamutungo w'umuhahano hagamiye gukemura ibabazo by'urugo, byishyurwa n'umutungo rusange kabone n'iyoyaba yararangije kubyishyura akoresheje umutungo we.</p> <p>Iyo umutungo rusange udahagije kugira ngo wishyure uwo mwenda wose, ibisigaye byishyurwa n'umutungo wa buri wese mu bashakanye ku buryo bungana.</p> <p>Inguzanyo n'imyenda byafashwe mu nyungu z'umuntu ku giti cye byishyurwa na nyir'ukubifata ku mutungo we bwite. Nyamara iyo mu gihe cyo kuwufata habayeho ubufatanye, uwo mwenda wishyurwa ku mutungo rusange.</p> <p>Ihazabu n'imyenda ishingiyeye ku buryozwe bw'icyaha ni gatozi. Iyo byishyurwa ku mutungo rusange, nyir'ukoryozwa ategukwa gusubiza ibyishyurwa, havanwemo, iyo ari ngombwa, ibyo umutungo rusange waba warungukiyemo.</p> <p><u>Ingingo ya 11: Iseswa ry'ivangamutungo w'umuhahano</u></p> <p>Iyo ivangamutungo w'umuhahano risheshwe, umutungo w'umuhahano ugabanywa abashyingiranwe mu buryo bungana hakurikijwe amabwiriza agenga ivangamutungo rusange, hanyuma buri wese akagumana umutungo we bwite.</p>	<p>Under the regime of limited community property, loans and debts contracted by one of the spouses for the benefit of the household shall be borne by the community, even if they are paid for by one spouse's personal property.</p> <p>If the whole debt cannot be paid from the common patrimony, the outstanding balance shall be paid in equal parts from the patrimony of each spouse.</p> <p>Loans and debts contracted for one spouse's interests shall be paid with his/her personal patrimony. However, if the spouses are jointly liable, the debt is deemed to be covered by the community property.</p> <p>Fines and debts from criminal responsibility are personal. If the community has paid these fines and debts, it has a right to be compensated for the whole amount, less any benefit it received.</p> <p><u>Article 11: Dissolution of the limited community property regime</u></p> <p>If dissolution occurs, the community property is shared equally, in accordance with the regulations for community of property, and each spouse keeps his/her personal property.</p>	<p>Les emprunts et dettes contractés par l'un des époux sous le régime de la communauté réduite aux acquêts pour les besoins du ménage sont, même lorsqu'il les a payées avec ses biens propres, supportées par le patrimoine commun.</p> <p>Lorsque celui-ci ne peut couvrir l'entièreté de la dette, le solde est payé par parts égales sur le patrimoine propre de chaque époux.</p> <p>Les emprunts et dettes contractés dans l'intérêt personnel sont payés par celui qui les a contractées sur son patrimoine propre. Cependant s'il y a solidarité, la dette est réputée entrer en communauté.</p> <p>Les amendes et dettes délictuelles sont considérées comme propres. Si elles ont été acquittées par la communauté, celle-ci aura droit à récompense, déduction faite, le cas échéant, du profit retiré par elle.</p> <p><u>Article 11: Dissolution du régime de communauté réduite aux acquêts</u></p> <p>En cas de dissolution du régime de la communauté réduite aux acquêts, les acquêts seront partagés par parts égales conformément aux règles établies pour la communauté universelle, et chaque époux conservera ses biens propres.</p>
---	--	--

<p><u>Icyiciro cya 3: Ibyerekeye ivanguramutungo risesuye</u></p> <p><u>Ingingo ya 12: Icongwa ry'umutungo w'abashyiranywe mu buryo bw'ivanguramutungo risesuye</u></p> <p>Mu buryo bw'ivanguramutungo risesuye, abashyiranywe baba bafite ububasha bwo gucunga, kwikenuza, kutanga no kugurisha uko bashatse umutungo wabo, bapfa gusa kubahiriza inshingano zo gutanga ibitunga urugo zikomoka ku isezerano ry'ubushyiranywe.</p> <p>Iyo umwe mu bashyiranywe adashoboye kubona gihamba ko umutungo runaka ari uwe ku giti cye, uwo mutungo ufatwa nk'aho bombi bawufanije mu buryo bungana.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Ubutumwa bwo gucunga umutungo</u></p> <p>Iyo umwe mu bashyiranywe mu buryo bw'ivanguramutungo risesuye ahaye uwo bashyiranywe ubutumwa bwo kumucungira umutungo, amategeko rusange agenga amasezerano y'ubutumwa niyo akurikizwa.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Iyishyirwa ry'imyenda</u></p> <p>Buri wese mu bashyiranywe mu buryo bw'ivanguramutungo risesuye afite inshingano zo kwishyura ubwe imyenda yafashe mbere</p>	<p><u>Section 3: Separation of property regime</u></p> <p><u>Article 12: Management of property in the separation of property regime</u></p> <p>In the separation of property regime, each spouse has the powers of administration, enjoyment and free disposal of his/her personal property provided they comply with the obligation of contributing to the household expenses resulting from the contract of marriage.</p> <p>If a spouse does not have proof of exclusive ownership of any property, it shall be deemed joint property, shared equally by the two spouses.</p> <p><u>Article 13: Delegation of power to administer patrimony</u></p> <p>Under the regime of separation of property, when one of the spouses transfers the right of administration of his/her patrimony to the other spouse during the marriage, the laws governing powers of attorney shall apply.</p> <p><u>Article 14: Payment of debts</u></p> <p>Each spouse is liable for personal debts contracted before or during the marriage, unless s/he has contracted them for the benefit of the family.</p>	<p><u>Section 3: Régime de la séparation des biens</u></p> <p><u>Article 12 : Gestion des biens des époux mariés sous le régime de la séparation des biens</u></p> <p>En cas de régime de la séparation des biens, chaque époux a l'administration, la jouissance et la disposition de tous ses biens pourvu qu'ils respectent leur obligation de contribuer aux charges du ménage résultant du contrat de mariage.</p> <p>Le bien sur lequel aucun des époux ne peut justifier de son droit exclusif de propriété est présumé appartenir aux deux indivisément, à chacun pour moitié.</p> <p><u>Article 13 : Mandat d'administration du patrimoine</u></p> <p>Si, pendant le mariage, l'un des époux mariés sous le régime de la séparation des biens confie à l'autre l'administration de son patrimoine, les règles du mandat sont applicables.</p> <p><u>Article 14 : Paiement des dettes</u></p> <p>Chacun des époux reste seul tenu des dettes nées en sa personne avant ou pendant le mariage, hors le cas où il les a contractées</p>
---	---	---

<p>cyangwa nyuma y'isezerano ryo gushyingirwa, keretse iyo iyo myenda yayifashe ku nyungu z'urugo.</p> <p>Umwenda bahuriyeho bawishyura bombi ku mutungo wa buri wese kandi mu buryo bungana.</p> <p><u>Ingingo ya 15:</u> Iseswa ry'ivanguramutungo risesuye</p> <p>Iyo ivanguramutungo risheshwe, buri wese mu bashyingirwanywe yegukana umutungo we bwite.</p> <p><u>UMUTWE WA II: INGINGO ZIHURIWEHO MU MICUNGIRE Y'UMUTUNGO W'ABASHYINGIRANYWE</u></p> <p><u>Ingingo ya 16:</u> Uburenganzira n'inshingano z'abashyingiranywe bikomoka ku isezerano ry'ugushyingirwa</p> <p>Hatitawe ku buryo bwo gucunga umutungo, abashyingiranywe bagomba kubahiriza uburenganzira n'inshingano byabo bikomoka ku isezerano ryo gushyingirwa, amategeko agenga ububasha bwa kibyeyi, icungwa ry'umutungo w'umwana ryemewe n'amategeko n'ayerekeye ubwishingire.</p> <p><u>Ingingo ya 17:</u> Kwandikisha uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe mu gitabo cy'inwandiko y'abashyingiranywe</p>	<p>Common debts are borne equally by each spouse.</p> <p><u>Article 15: Dissolution of the separation of property regime</u></p> <p>If dissolution occurs, each spouse retains the right to his/her personal property.</p> <p><u>CHAPTER II: PROVISIONS COMMON TO ALL MATRIMONIAL REGIMES</u></p> <p><u>Article 16: Rights and duties of the spouses arising from the marriage</u></p> <p>Notwithstanding the matrimonial regime, spouses benefit from certain rights and must fulfill certain duties arising from the marriage, including the rights and duties of parental authority, legal administration and trusteeship.</p> <p><u>Article 17: Recording the matrimonial regime in the marriage registry</u></p>	<p>pour l'intérêt du ménage.</p> <p>La dette commune est payée par parts égales par chaque époux sur son patrimoine propre.</p> <p><u>Article 15 : Dissolution du régime</u></p> <p>En cas de dissolution du régime de séparation des biens, chacun rentre en propriété de tous ses biens.</p> <p><u>CHAPITRE II: DISPOSITIONS COMMUNES AUX REGIMES MATRIMONIAUX</u></p> <p><u>Article 16 : Des droits et obligations matrimoniales des époux</u></p> <p>Quel que soit le régime matrimonial, les époux sont tenus aux droits et devoirs qui résultent pour eux du seul fait du mariage ainsi qu'aux règles qui président à l'exercice de l'autorité parentale, de l'administration légale et de la tutelle.</p> <p><u>Article 17 : Inscription du régime matrimonial dans le registre des actes de mariage</u></p>
---	---	---

<p>Mbere yo kuranga abagomba gushyingirwa no gukora isezerano ry'ugushyingirwa, umwanditsi w'irangamimirere asobanurira abagiye gukora iryo sezerano, imiterere ya buri buryo umutungo w'abashyingiwe ucungwamo agamije kubafasha guhitamo ububanogeye.</p> <p>Ku muni w'imihango yo gusezerana, uburyo bwo gucunga umutungo abashyingiranywe bahisemo bwandikwa mu gitabo cyandikwamo abashyingiranywe ndetse no munyandiko y'abashyingiranywe.</p> <p><u>Ingingo ya 18:</u> Itangazwa ry'amasezerano yo gushyingirwa kw'abacuruzi</p> <p>Iyo umwe mu bashyingiranywe ari umucuruzi mu gihe cy'imihango yo gusezerana cyangwa akaba we nyuma, amasezerano yo gushyingirwa n'ibyaba byakosoweho bitangazwa hakurikijwe amategeko akoreshwa mu bucuruzi no ku bacuruzi.</p> <p><u>Ingingo ya 19:</u> Guhitamo uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe ku bana bakiri bato bahawe uburenganzira cyangwa abakuze bishingiwe</p> <p>Iyo umwe mu bashyingiranywe ari umwana muto wahawe uburenganzira, ahitamo uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe abigirwemo inama n'ufite ububasha bwa kibyezi.</p>	<p>Before publishing the banns and drafting the marriage contract, the Civil Status Officer shall explain the various matrimonial regimes to the future spouses and allow them to choose one.</p> <p>On the day of the civil marriage, the matrimonial regime chosen is recorded in the marriage registry and on the marriage certificate.</p> <p><u>Article 18:</u> Notification of marriage contract for business people</p> <p>Where one of the spouses is or subsequently becomes a business person during the marriage, the contract of marriage and any modifications shall be published in accordance with the Company Law.</p> <p><u>Article 19:</u> Choice of matrimonial regime by authorized minors and legally incompetent persons of full age</p> <p>When one of the spouses is a minor authorized to marry, his/her choice of matrimonial regime shall be done upon the advice of the person exercising parental authority over him/her.</p>	<p>Avant la publication des bans et la rédaction du contrat de mariage, l'Officier de l'état civil explique aux futurs époux, aux fins de choix, la teneur des différents régimes matrimoniaux.</p> <p>Le choix du régime est inscrit, au jour de la célébration du mariage, au registre des actes de mariage ainsi que dans l'acte de mariage.</p> <p><u>Article 18 :</u> Publication du contrat de mariage des commerçants</p> <p>Si l'un des futurs époux est commerçant lors de la célébration du mariage ou le devient ultérieurement, le contrat de mariage et ses modifications doivent être publiés conformément à la législation applicable en matière commerciale et aux commerçants.</p> <p><u>Article 19 :</u> Choix du régime matrimonial par le mineur autorisé ou majeur en tutelle</p> <p>Lorsque l'un des futurs époux est un mineur autorisé, il choisit son régime matrimonial, sur avis de la personne qui exerce sur lui l'autorité parentale.</p>
--	--	---

<p>Umuntu mukuru wishingiwe cyangwa wahawe umufasha ntashobora guhitamo uburyo bwo gucunga umutungo w'abashyingiranywe atabifashijwemo n'umwishingizi we cyangwa umugira inama.</p>	<p>When one of the spouses is of full age but under trusteeship or assistance, s/he shall choose a matrimonial regime with the assistance of his/her trustee or adviser.</p>	<p>Le majeur en tutelle ou sous conseil judiciaire ne peut pas choisir son régime matrimonial sans l'assistance de son tuteur ou de son conseiller.</p>
<p><u>Ingingo ya 20:</u> Guhindura uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe</p>	<p><u>Article 20:</u> Modification of the matrimonial regime</p>	<p><u>Article 20:</u> Changement du régime matrimonial</p>
<p>Abashyingiranywe bombi iyo babisabye bakiri kumwe, uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe bushobora guhindurwa. Bagomba kugaragaza ko iryo hinduka risabwe ku nyungu z'urugo cyangwa impinduka zikomeye zabayeho mu mibereho yabo cyangwa mu mibereho y'umwe muri bo.</p>	<p>During the marriage, the matrimonial regime may be modified upon the request of spouses. Modification shall be required by interests of household or by important changes occur in spouses' situation or in the situation of one of them.</p>	<p>A la demande conjointe des époux durant le mariage, le régime matrimonial peut être modifié. Les époux doivent prouver que la modification est exigée par l'intérêt du ménage ou par des changements importants survenus dans leur situation respective ou dans celle de l'un d'eux.</p>
<p>Ikirego gitangwa mu buryo bw'ikirego gitanzwe n'umuburanyi umwe mu rukiko rubifitiye ububasha rukorera mu ifasi y'aho abashyingiranywe baba.</p>	<p>Request shall be submitted under a unilateral request procedure before a competent court where the spouses reside.</p>	<p>La requête est introduite sous forme de requête unilatérale devant le tribunal compétent du lieu de résidence des époux.</p>
<p>Iyo urukiko rwanze ku buryo budasubirwaho icyo cyifuzo, abashyingiranywe ntibashobora kongera kubisaba hadashize imyaka ibiri kandi bishingiye gusa ku ngingo nshya.</p>	<p>In case of a final decision rejecting the request, any other request shall not be resubmitted before the expiration of two (2) years, and upon new elements.</p>	<p>En cas de décision définitive de rejet de la demande, celle-ci ne peut être réintroduite qu'après deux ans et pour autant qu'elle s'appuie sur des éléments nouveaux.</p>
<p><u>Ingingo ya 21:</u> Kwandikwa kw'ihinduka ry'uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe</p>	<p><u>Article 21:</u> Recording modifications of the matrimonial regime</p>	<p><u>Article 21:</u> Inscription de la modification du régime matrimonial</p>
<p>Mu gihe cy'ukwezi uherye igihe icyemezo kidagishoboye kujuririrwa cyo guhindura uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe</p>	<p>Within one month of when the final decision modifying the regime is made, the applicant shall request that the Court Clerk send the ruling to the</p>	<p>Dans le délai d'un mois à compter de la date à laquelle la décision définitive de modification du régime matrimonial est intervenue et n'est</p>

<p>cyafatiweho, bisabwe n'uwatanze ikirego, icyemezo cy'umucamanza kirebana n'iryo hinduka gishyikirizwa n'umwanditsi w'urukiko, umwanditsi w'irangamimerere ukorera mu ifasi y'aho imihango yo gushyingirwa yabereye kugira ngo byandikwe mu nyandiko y'abasezerana.</p> <p>Ni no muri cyo gihe cy'ukwezi kandi, icyemezo cy'umucamanza cyo guhindura uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe kigomba kwandikwa mu gitabo cy'abacuruzi, kikanatangazwa mu binyamakuru bibiri bisomwa cyane mu gihugu, ku mafaranga y'ubisaba, iyo umwe mu bashyingiranywe ari umucuruzi.</p> <p>Ababerewemo umwenda bashobora gusaba ko ibyahinduwe mu masezerano yo gushyingirwa bitabagira ingaruka iyo babona byarabangirije. Babisaba mu gihe cy'umwaka umwe ubarwa uherye igihe bamenyesherejwe izo mpinduka.</p> <p><u>Ingingo ya 22: Ukwamburwa uburenganzira bwo gucunga umutungo</u></p> <p>Hatitawe ku buryo bw'imicungire y'umutungo, iyo umwe mu bashakanye abangamiye inyungu z'urugo, kwaba kutita ku mutungo w'umuryango ndetse n'uwe bwite, cyangwa kuwupfusha ubusa, ashobora kwakwa ububasha bwo kuwucunga, kuwikenuza, kuwutanga no kuwugurisha, bisabwe n'uwo bashakanye cyangwa undi wese waba abifitemo inyungu.</p> <p>Ikirego gitangwa mu buryo bw'ikirego gitanzwe</p>	<p>Civil Status Officer of the place where the civil marriage occurred for transcription on the marriage certificate.</p> <p>Within the same period, if one of the spouses is a business person, the ruling shall also be recorded in the trade registry and published in two of the most widely-read newspapers in the country at the expense of the applicant spouse.</p> <p>If creditors are prejudiced by the modification to the marriage contract, within one year of the date they were informed of the modification, they may request not to be bound by the changes.</p> <p><u>Article 22: Divestment of the right to administer patrimony</u></p> <p>Notwithstanding the matrimonial regime, if one of the spouses compromises the interests of the household by depreciating family patrimony or his/her own property, s/he may be divested of the rights of administration, enjoyment and disposal of his/her patrimony upon request by the other spouse or any interested third party.</p> <p>Requests shall be submitted as a unilateral petition of</p>	<p>plus susceptible de recours, l'ordonnance s'y rapportant est, à la diligence du demandeur, transmise par le greffier de la juridiction à l'Officier de l'état civil du lieu de conclusion du contrat de mariage aux fins de sa mention dans l'acte de mariage.</p> <p>Dans le même délai, lorsque l'un des époux est un commerçant, l'ordonnance de changement du régime matrimonial doit être inscrite sur son registre de commerce et doit être publié dans deux des journaux les plus lus du pays, aux frais de l'époux demandeur.</p> <p>Les créanciers, s'ils en subissent préjudice, peuvent dans le délai d'un an à compter du jour où ils ont eu connaissance des modifications apportées au contrat de mariage, les faire déclarer inopposable à leur égard.</p> <p><u>Article 22 : Déchéance du droit d'administration du patrimoine</u></p> <p>Peu importe le régime matrimonial, lorsque l'un des époux compromet les intérêts du ménage, soit en laissant dépérir le patrimoine familial ou son patrimoine propre, soit en le dilapidant, il peut, à la demande de son conjoint ou d'un tiers intéressé, être déchu des droits d'administrer, de jouir et de disposer de son patrimoine propre.</p> <p>La requête est introduite sous forme de</p>
--	---	---

<p>n'umuburanyi umwe mu rukiko rubifitiye ububasha rukorera mu ifasi yaho abashyingiranywe baba.</p> <p>Uretse igihe bibaye ngombwa ko urukiko rushyiraho ucunga umutungo, umucamanza aha umwe mu bashyingiranywe wabisabye, uburenganzira bwo gucunga umutungo bwite w'uwambwambuwe, maze agafata ibyabyawe n'uwu mutungo mu gukemura ibibazo by'urugo, ibisigaye akabizigama.</p> <p>Uwambuwe ubwo bubasha ashobora gusaba urukiko gusubirana ububasha bwo gucunga umutungo we iyo agaragaje ko impamvu zari zateye umucamanza kubumwambura zitakiriho.</p> <p><u>Ingingo ya 23:</u> Uguseswa kw'uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe</p> <p>Uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe buseswa ku mpamvu zikurikira :</p> <p>1° gutana kw'abashyingiranywe;</p> <p>2° guhindura uburyo bw'icunga-mutungo;</p> <p>3° urupfu rw'umwe mu bashyingiranywe.</p> <p><u>Ingingo ya 24:</u> Imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe b'abanyamahanga baba mu Rwanda</p>	<p>one of the spouses before a competent court at the place where the spouses reside.</p> <p>Unless it is necessary to appoint a judicial administrator, the applicant spouse shall be awarded the right to administer the divested spouse's personal property and use the profits for the benefit of the household; any excess profits shall be saved.</p> <p>The divested spouse may subsequently petition the court for restoration of his/her rights once the underlying cause of the divestment no longer exists.</p> <p><u>Article 23:</u> Dissolution of matrimonial regime</p> <p>Matrimonial regimes are dissolved by:</p> <p>1° divorce;</p> <p>2° modification;</p> <p>3° death of one of the spouses.</p> <p><u>Article 24:</u> Matrimonial regimes for foreigners residing in Rwanda</p>	<p>requête unilatérale à la Juridiction compétente du lieu de résidence des époux.</p> <p>A moins qu'il ne soit nécessaire de nommer un administrateur judiciaire, le jugement confère au conjoint demandeur, le pouvoir d'administrer les biens propres de l'époux dessaisi et d'en percevoir les fruits qu'il utilise pour couvrir les charges du ménage; l'excédant constituant des économies.</p> <p>L'époux déchu pourra, par la suite, demander à la même juridiction la mainlevée de la déchéance, s'il prouve que les causes qui l'avaient justifiée n'existent plus.</p> <p><u>Article 23 :</u> Dissolution du régime matrimonial</p> <p>Les régimes matrimoniaux se dissolvent par:</p> <p>1° le divorce;</p> <p>2° le changement de régime matrimonial ;</p> <p>3° le décès.</p> <p><u>Article 24 :</u> Régimes matrimoniaux des étrangers résidant au Rwanda</p>
--	---	--

<p>Uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyiranywe b'abanyamahanga baba mu Rwanda bugengwa n'itegeko ry'igihugu bafitiye ubwenehugu, cyangwa itegeko ry'u Rwanda, niba nta bwenehugu buzwi bafite.</p> <p><u>INTERURO III: IMPANO ZITANZWE MU RWEGO RW'UMURYANGO</u></p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO ZIHURIWEHO N'IMPANO ZITANZWE MU RWEGO RY'UMURYANGO</u></p> <p><u>Ingingo ya 25: Impano itanzwe mu rwego rw'umuryango</u></p> <p>Impano itanzwe mu rwego rw'umuryango ishobora gukorerwa inyandiko mpamo cyangwa inyandiko bwite cyangwa igashyikirizwa gusa nyirayo.</p> <p><u>Ingingo ya 26: Ikoreshwa ry'amategeko agenga amasezerano ku mpano zitanzwe mu rwego rw'umuryango</u></p> <p>Amategeko arebana n'ubushobozi bwo gukorana n'undi amasezerano n'arebana n'ibisabwa kugira ngo inyandiko zigire agaciro niyo akoreshwa ku mpano zitanzwe mu rwego rw'umuryango, hubahirijwe amategeko agenga imicungire y'umutungo w'abashakanye.</p>	<p>The matrimonial regime for any foreigner residing in Rwanda shall be determined by his/her national law, or by Rwandan law in case his/her nationality is unknown.</p> <p><u>TITLE III: FAMILY DONATIONS</u></p> <p><u>CHAPTER ONE: COMMON PROVISIONS FOR FAMILY DONATIONS</u></p> <p><u>Article 25: Definition of family donations</u></p> <p>Family donations are made by authentic deed, written agreement or simple transfer.</p> <p><u>Article 26: Application of contract law to family donations</u></p> <p>Legal provisions relating to capacity to contract and the validity of deeds are applicable to family donations in conformity with the regulations of matrimonial regimes.</p>	<p>Le régime matrimonial de l'étranger résidant au Rwanda est régi par la loi du pays auquel il appartient ou, à défaut de nationalité connue, par la loi rwandaise.</p> <p><u>TITRE III : LIBERALITES A CARACTERE FAMILIAL</u></p> <p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS COMMUNES AUX LIBERALITES A CARACTERE FAMILIAL</u></p> <p><u>Article 25 : Définition de la libéralité à caractère familial</u></p> <p>Une libéralité à caractère général peut être faite par actes authentique ou sous-seing privé ou par simple tradition.</p> <p><u>Article 26: Application du droit des contrats aux libéralités à caractère familial</u></p> <p>Les dispositions légales relatives à la capacité de contracter et aux conditions de validité des actes s'appliquent aux libéralités à caractère familial, dans le respect des dispositions régissant les régimes matrimoniaux.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 27: Kwemera impano zitanzwe mu rwego rw'umuryango</u></p> <p>Mu gihe cy'ivangamutungo rusange, impano yose y'ikintu kivuye mu mutungo w'umuryango ikozwe n'umwe mu bashyingiranywe igomba kwemezwa n'undi. Ni nako bigenda mu gihe cyo kwemera impano.</p>	<p><u>Article 27: Consent to family donations</u></p> <p>In case of community property regime, any donation of a family property by one of the spouses requires consent of the other. Consent is also required for acceptance of such a donation.</p>	<p><u>Article 27 : Consentement à la libéralité à caractère familial</u></p> <p>En cas de régime de la communauté universelle, pour tous les actes de donation d'un bien de la famille par l'un des époux, l'accord de l'autre époux est requis. Ce consentement est également requis pour l'acceptation d'une donation.</p>
<p><u>Ingingo ya 28: Umugabane w'ibishobora gutangwa</u></p> <p>Yubahirije amategeko agenga uburyo bw'umutungo yahisemo, uwashyingiwe wese afite uburenganzira bwo gutanga impano, apfa kutarenza umugabane w'ibyo ashobora gutanga.</p> <p>Hatitawe ku buryo bw'icungamutungo, umugabane w'ibishobora gutangwa ntushobora kurenga 1/5 cy'umutungo w'utanga iyo afite abana, 4/5 bikaba ibizungurwa bizigamirwa abana.</p> <p>Nyamara iyo uzungurwa nta bana afite ariko uwo bashakanye akaba akiriho, umugabane w'ibishobora gutangwa ntushobora kurenga ½ cy'umutungo we, ikindi kikagira ibizungura bizigamirwa uwo bashakanye, agomba kugabana n'abandi bazungura hitawe ku mategeko agenga uburyo izungura ritangwa.</p> <p>Ibizungurwa bizigamirwa bibarwa bashingiye ku mutungo w'utanga havanywemo imyenda yari</p>	<p><u>Article 28: Transferable quota in family donations</u></p> <p>Each spouse has the right to make donations in accordance with the rules governing the applicable matrimonial regime, provided that s/he does not exceed the transferable quota.</p> <p>Notwithstanding the chosen matrimonial regime, if the donor has children, the transferable quota shall not exceed 1/5 of the patrimony, and the remaining 4/5 of patrimony shall comprise the successoral reserve, designated for the children.</p> <p>When the donor has a spouse but has no children, the transferable quota shall not exceed 1/2 of his/her patrimony, and the remaining 1/2 shall be reserved for the spouse, to be shared with other heirs in accordance with the rules on devolution of succession.</p> <p>The successoral reserve shall be comprised of the personal patrimony of the donor less any debts the</p>	<p><u>Article 28: Quotité disponible pour les libéralités à caractère familial</u></p> <p>Tout conjoint a le droit de faire des libéralités dans le respect des règles prévues par son régime matrimonial, pourvu qu'elle ne dépasse pas la quotité disponible.</p> <p>Quel que soit le régime matrimonial choisi, la quotité disponible ne peut dépasser le 1/5 du patrimoine du donateur s'il a des enfants, les 4/5 du patrimoine constituant la réserve successorale pour ces derniers.</p> <p>Toutefois, si le donateur n'a pas d'enfants, mais a un conjoint, la quotité disponible ne peut excéder la moitié de son patrimoine, l'autre moitié constituant la réserve successorale du conjoint, à partager avec les autres héritiers dans le respect des règles de la dévolution successorale.</p> <p>La réserve successorale se calcule sur base de la différence entre l'actif du patrimoine du</p>

<p>afite umunsi impano yatangwaga.</p> <p><u>Ingingo ya 29: Inkurikizi z'impano zitanzwe mu rwego rw'umuryango</u></p> <p>Impano zitanzwe mu rwego rw'umuryango zibyara inkurikizi ku munsi zemeweho. Uzemera ashobora kubikora mu nyandiko cyangwa mu mvugo.</p> <p>Uguha umuntu uburenganzira ku mutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa ugiye gutangwa bikorwa hakurikijwe amategeko asanzwe.</p> <p><u>Ingingo ya 30: Kubura agaciro kw'impano zitanzwe mu rwego rw'umuryango</u></p> <p>Impano yose ita agaciro iyo:</p> <p>1° impano yose itanzwe mu rwego rw'umuryango ku buryo ishyirwa mu bikorwa ryayo rishingira k'ugushaka kw'umuryango wenyine;</p> <p>2° iyo ishingiyeye ku mpamvu;</p> <p>3° iyo itegeka uyihawe kuriha imyenda y'umuryango cyangwa ibindi agomba, bitariho cyangwa bitagarajwe mu nyandiko y'impano;</p>	<p>donor owes on the date of donation.</p> <p><u>Article 29: Effects of a family donation</u></p> <p>A family donation takes effect on the date of acceptance by the donee. Acceptance shall be done verbally or in writing.</p> <p>The transfer of ownership of movable or immovable property shall be done in accordance with general laws on the matter.</p> <p><u>Article 30: Nullity of family donations</u></p> <p>Family donations shall be void if:</p> <p>1° the donation is made, but is conditional upon a circumstance within the discretion of the donor;</p> <p>2° the donation is based on discriminatory criteria;</p> <p>3° the beneficiary is required to pay extraneous debts or charges of the donor unless they are mentioned in the act of donation; or</p>	<p>donateur et ses dettes au jour de la libéralité.</p> <p><u>Article 29 : Effet de la libéralité à caractère familial</u></p> <p>La libéralité à caractère familial ne produit d'effet qu'au jour de son acceptation. Celle-ci peut être verbale ou écrite.</p> <p>Le transfert du droit de propriété sur le bien meuble ou immeuble sujet à libéralité se réalise selon les dispositions du droit commun.</p> <p><u>Article 30: Nullité des libéralités à caractère familial</u></p> <p>Est nulle :</p> <p>1° toute libéralité à caractère familial soumise à des conditions dont l'exécution dépend de la seule volonté du donateur ;</p> <p>2° toute libéralité basée sur les critères discriminatoires;</p> <p>3° la libéralité à caractère familial qui impose au bénéficiaire de payer des dettes ou charges du donateur, autres que celles qui existaient à l'époque de la donation ou qui seraient exprimées dans l'acte de donation;</p>
---	---	--

<p>4° iyo utanga impano hagati y'abazima yisigiramo uburenganzira bwo gutanga cyangwa kugurisha kimwe cyangwa byinshi mu bintu yatanze.</p> <p><u>Ingingo ya 31: Iseswa ry'impano yatanzwe mu rwego rw'umuryango</u></p> <p>Impano ikozwe hagati y'abagamije gushyingiranwa ishobora guseswa iyo iryo shyiringirwa ritabayeho.</p> <p>Impano yose ikozwe mu rwego rw'umuryango iseswa ku mpamvu zikurikira:</p> <p>1° Iyo uhabwa yanze kubahiriza inshingano yari yarahawe ziyiturutseho;</p> <p>2° Ubuhemu bw'uwahawe.</p> <p><u>Ingingo ya 32: Ikirego gisaba gusesa impano yatanzwe mu rwego rw'umuryango</u></p> <p>Ikirego gisaba gusesa impano kigomba gutangwa mu gihe cy'umwaka uherye igihe impamvu iryo seswa risabirwa yabereyeho cyangwa igihe nyir'ukurisaba yayimenyeyeho.</p> <p>Icyo kirego ni gatozi k'uwatanze kandi ntashobora kugitanga aryoza abazungura b'uwo yahaye. Nyamara rero iyo uwatanze apfuye yari yarakigejeje mu rukiko, abamuzungura bashobora kugikomeza mu izina rye.</p>	<p>4° the donor gives an inter vivos gift but retains the right to dispose of any of the rights or items donated.</p> <p><u>Article 31: Revocation of family donations</u></p> <p>Donations between future spouses are revocable whenever the marriage does not occur.</p> <p>Any donation shall be revocable for the following reasons:</p> <p>1° the donee fails to fulfill any of the obligations required under the terms of the donation; or</p> <p>2° ingratitude.</p> <p><u>Article 32: Legal action to revoke family donations</u></p> <p>In order to revoke a family donation, the donor must initiate legal action within one year of when the offence was committed or when the donor was notified of the offence.</p> <p>This action is personal to the donor and s/he cannot sue heirs for revocation. However, if the donor dies after he/she files the action, his/her heirs may continue the claim in the name of the deceased.</p>	<p>4° toute libéralité entre vifs à caractère familial dans laquelle le donateur se réserve le droit de disposer d'un ou de plusieurs biens donnés.</p> <p><u>Article 31: Révocation de la donation de caractère familial</u></p> <p>Les donations entre les futurs époux sont révocables toutes les fois que le mariage n'est pas célébré.</p> <p>Toute donation de caractère familial est révocable pour cause :</p> <p>1° d'inexécution par le donataire des obligations sous lesquelles elle a été faite ;</p> <p>2° d'ingratitude.</p> <p><u>Article 32: Action en révocation de la donation de caractère familial</u></p> <p>L'action en révocation de la donation doit être introduite dans le délai d'un an à partir du jour où la faute reprochée a été commise ou du jour où le donateur en a eu connaissance.</p> <p>Cette action est personnelle au donateur et celui-ci ne peut l'exercer contre les héritiers du donataire. Toutefois si le donateur est décédé après avoir intenté cette action, ses héritiers peuvent la continuer en son nom.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 34:</u> Inkurikizi z’iseswa ry’impano yatanzwe mu rwego rw’umuryango</p> <p>Iyo impano ishehwe, uwahawe ategukwa gusubiza ibyo yari yarahawe ku bw’amasezerano y’impano.</p> <p>Nyamara, ntashobora gutegekwa gusubiza agaciro k’ibyo na we yatanze cyangwa yagurishije mbere yo gushyikiriza urukiko ikirego. Ntategekwa kandi gusubiza ibyo yabyaje iyo mpano cyangwa izindi nyungu izo ari zo zose yakuye kuriyo.</p> <p>Iyo uwahawe hari ibyo yakoze kugira ngo yongera agaciro k’impano yahawe arabisubizwa igihe isheshwe. Iryo seswa ntacyo ribangamiraho abahawe ingwate ku bintu byari byaratanzwe kimwe n’abafite ubundi burengeanzira kuri byo.</p> <p><u>Ingingo ya 35:</u> Amategeko akurizwa ku mpano hagati y’abashyingiranwe bakiriho umwe ari umunyamahanga cyangwa abanyarwanda bari mu mahanga</p> <p>Impano hagati y’abashyingiranwe bakiriho zigengwa:</p> <p>1° ku byerekeranye n’uko ziteye, n’itegeko ry’igihugu zakorewemo. Nyamara impano zikozwe ku buryo bw’inyandiko bwite zishobora gukorwa hakurikijwe amategeko y’ibihugu abazigirana bakomokamo.</p>	<p><u>Article 34:</u> Effects of revocation of a family donation</p> <p>If revocation occurs, the donee shall return anything s/he received by virtue of the donation to the donor.</p> <p>However, the donee shall not be required to compensate the donor for the value of any items, other benefits and fruits thereof that were disposed of before the action of revocation is instituted.</p> <p>If a donation is revoked, the donee shall be reimbursed for expenses made to improve the property, as well as any payments or charges made for the benefit of the property.</p> <p><u>Article 35:</u> Applicable law for inter vivos donations by foreigners living in Rwanda or by Rwandans living abroad</p> <p>Inter vivos donations by spouses are regulated as follows:</p> <p>1° Procedures shall be governed by the laws of the country in which the donation is executed. However, donations by private written agreement may be concluded according to the national law one of the parties.</p>	<p><u>Article 34 :</u> Effet de la révocation de la donation de caractère familial</p> <p>La révocation de la donation oblige le donataire à restituer au donateur ce qu’il a reçu en vertu du contrat.</p> <p>Néanmoins, il ne peut être condamné à restituer la valeur des objets de la donation aliénés avant l’introduction de cette action, ni les fruits et autres bénéfices de toute sorte qu’il en a tirés.</p> <p>La révocation de la donation ne peut porter préjudice aux frais exposés par le donataire pour la mise en valeur du bien faisant objet de la donation, aux gages et aux autres charges qu’il aurait imposés sur l’objet de la donation.</p> <p><u>Article 35 :</u> La loi applicable aux libéralités entre vifs des époux contenant un élément d’extranéité</p> <p>Les libéralités entre vifs des époux sont régies :</p> <p>1° quant à la forme, par la loi du lieu où ils sont faits. Néanmoins, les libéralités faites sous seing privé peuvent être passées dans les normes également admises par les lois nationales de toutes</p>
--	--	---

<p>2° ku byerekeye icyo zivuga, inkurikizi n'ibimenyetso byazo, n'itegeko ry'aho zakorewe keretse abazikoranye babishatse ukundi.</p> <p>UMUTWE WA II: UBWOKO BW'IMPANO ZITANZWE MU RWEGO RW'UMURYANGO</p> <p><u>Ingingo ya 36:</u> Ubwoko bw'impano</p> <p>Impano zitanzwe mu rwego rw'umuryango ni izi zikurikira:</p> <p>1° Itanga ry'ibintu mu rwego rw'umuryango hagati y'abazima;</p> <p>2° Itanga ry'umunani;</p> <p>3° Itanga ry'umurage.</p> <p>Umurage usobanurwa mu gice kirebana n'ingingo zigenga izungura.</p> <p>Icyiciro cya mbere: Impano hagati y'abazima</p> <p><u>Ingingo ya 37:</u> Itegeko rigenga impano hagati y'abazima</p> <p>Haseguriwe ibyateganywa ukundi n'iri tegeko, impano zikozwe mu rwego rw'umuryango hagati</p>	<p>2° Unless the parties stipulate otherwise, the substance, effects, and any applicable evidentiary rules shall be governed by the law of the place where the donation is concluded.</p> <p>CHAPTER II: TYPES OF FAMILY DONATIONS</p> <p><u>Article 36:</u> Types of family donations</p> <p>The only types of family donations shall be:</p> <p>1° inter vivos family donations;</p> <p>2° ascending partition; and</p> <p>3° legacy.</p> <p>The provisions relating to legacies are found in the Section on wills.</p> <p>Section One: Inter vivos family donations</p> <p><u>Article 37:</u> Law regulating inter vivos family donations</p> <p>Subject to the exceptions established by the present Law, inter vivos family donations are regulated by</p>	<p>les parties.</p> <p>2° quant à leur substance, à leurs effets et à leur preuve, sauf stipulation contraire des parties, par la loi du lieu où elles sont conclues.</p> <p>CHAPITRE II: TYPES DE LIBERALITES A CARACTERE FAMILIAL</p> <p><u>Article 36 :</u> Types de libéralités à caractère familial</p> <p>Les seules libéralités à caractère familial sont:</p> <p>1° les donations entre vifs à caractère familial;</p> <p>2° le partage d'ascendant;</p> <p>3° le legs.</p> <p>Cependant, le legs est traité au point relatif aux dispositions testamentaires</p> <p>Section première : Donations entre vifs à caractère familial</p> <p><u>Article 37:</u> Loi régissant les donations entre vifs à caractère familial</p> <p>Sous réserve des exceptions établies par la présente loi, les donations entre vifs à</p>
--	---	---

<p>y'abazima zigengwa n'amategeko rusange agenga amasezerano.</p> <p>Icyiciro cya 2: Itangwa ry'umunani</p> <p><u>Ingingo ya 38:</u> Uburenganzira ku itanga ry'umunani</p> <p>Abana bose nta vangura hagati y'abahungu n'abakobwa abariho n'abahagarariye abo bakomokaho bapfuye mbere y'ababyeyi babo, uretse abaciwe kubera kwitwara nabi cyangwa guhemuka, bagira uburenganzira ku munani.</p> <p><u>Ingingo ya 39:</u> Uburyo bw'imitangire y'umunani</p> <p>Umunani utangwa ku bushake bw'umubyeyi mu buryo bw'impano cyangwa bw'izungura.</p> <p>Iyo umunani watanzwe mu buryo bw'impano, abawuhawe bahita begukana ku buryo budasubirwaho uburenganzira kuri wo. Nyamara ibi ntibibuza ko habaho iseswa ritegetswe n'urukiko ku mpamvu z'ubuhemu bw'uwahawe.</p> <p>Iyo umunani watanzwe mu buryo bw'izungura, umubyeyi agabanya ibintu bu buryo bushobora guseswa, nyamara irage rigatangira gukurikizwa burundu ari uko umubyeyi warikoze apfuye.</p>	<p>contract law.</p> <p>Section 2: Ascending partition</p> <p><u>Article 38:</u> Right to ascending partition</p> <p>Without discrimination between males and females, all children, or their descendants if children predecease their parents, have a right to ascending partition, except those deprived of this right due to misconduct or ingratitude.</p> <p><u>Article 39:</u> Modalities of ascending partition</p> <p>Ascending partition is given voluntarily by parents either by donation or will.</p> <p>When it is done by donation, ownership is immediately and definitely transferred to the descendants. However, the donation can be revoked for ingratitude.</p> <p>When it is done by a will, the testator revocably shares his/her patrimony with the descendants, and the ascending partition shall take full effect upon his/her death.</p>	<p>caractère familial sont régies par le droit commun des contrats.</p> <p>Section 2 : Partage d'ascendant</p> <p><u>Article 38 :</u> Droit au partage d'ascendant</p> <p>Tous les enfants sans discrimination aucune entre ceux de sexe masculin et ceux de sexe féminin, encore en vie où à défaut, les descendants de ceux décédés avant leurs parents, à l'exclusion des enfants déçus pour cause d'inconduite ou d'ingratitude, ont droit au partage fait par leurs ascendants.</p> <p><u>Article 39 :</u> Modalités du partage d'ascendant</p> <p>Le partage d'ascendant se fait au gré de l'ascendant sous forme de donation ou sous forme de testament.</p> <p>Lorsqu'il se fait sous forme de donation, les descendants recueillent immédiatement et de façon irrévocable les biens de leurs parents encore en vie. Cependant, la révocation judiciaire pour ingratitude est applicable dans ce cas.</p> <p>Lorsqu'il se fait sous forme de testament, l'ascendant répartit ses biens de manière révocable, mais le testament n'aura d'effet définitivement qu'au décès de l'ascendant testateur.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 40: Ibintu bitagabanijwe mu itanga ry'umunani</u></p> <p>Ibintu ababyeyi batatanzeho umunani bigabanywa hakurikijwe amategeko agenga izungura nta rage ku muni w'urupfu rw'ababyeyi.</p> <p>Umwana wanze kuzungura, agumana ibintu yahaweho umunani.</p>	<p><u>Article 40: Sharing property not given by ascending partition</u></p> <p>Any property the parents do not give by ascending partition shall be divided upon the death of the second parent according to the other rules of succession or the terms of a valid will.</p> <p>A descendant who renounces any inheritance during succession shall keep any property received by ascending partition.</p>	<p><u>Article 40 : Partage des biens non disposés par partage d'ascendant</u></p> <p>Les biens dont les parents n'auraient pas disposés par partage d'ascendant se partagent au décès des parents selon les règles de la succession légale.</p> <p>Cependant, si un descendant renonce à la succession, il conserve ce qu'il a reçu dans le partage d'ascendant.</p>
<p><u>Ingingo ya 41: Ikirego kigamije kugabanya ibyatanzwe</u></p> <p>Umwana utarabonetse mu itangwa ry'umunani cyangwa wahawe ibintu bigaragarira bese ko ari bike ku byo yagombaga kubona ashobora gutanga ikirego kigamije kugabanya ibyatanzwe niba nta bintu byasigaye yababwaho umunani cyangwa byakuzuzwa umugabane we.</p> <p>Ikirego kigamije kugabanya ibyatanzwe kizima mu myaka ibiri uherye ku muni itangwa ry'umunani ryabereyeho, cyangwa ku muni umwana yabimenyeho, iyo afite imyaka y'ubukure, no ku muni yaboneyeho ubukure iyo ari umwana ukiri muto.</p>	<p><u>Article 41: Action to reduce the shares of other beneficiaries</u></p> <p>A descendant who does not receive property in an ascending partition, or who has received a manifestly smaller share, may initiate an action to reduce the shares of the other beneficiaries if the property remaining in the estate or patrimony is insufficient to provide his/her respective portion.</p> <p>This action is barred after two years from the date of partition or the date the descendant was notified of it, or if the descendant is a minor, from the date s/he reaches full age.</p>	<p><u>Article 41 : Action en réduction</u></p> <p>Le descendant qui n'a pas concouru au partage d'ascendant ou qui a reçu un lot manifestement inférieur à sa part peut exercer l'action en réduction s'il n'existe pas des biens non compris dans le partage et suffisant pour composer ou compléter sa part.</p> <p>L'action en réduction se prescrit par deux ans à compter pour les personnes majeures du jour du partage ou du jour où le descendant a eu connaissance de ce partage, et pour les personnes mineures à compter du jour de leur majorité.</p>
<p><u>INTERURO YA IV: IZUNGURA</u></p> <p><u>Ingingo ya 42: Uko izungura rikorwa</u></p>	<p><u>TITLE IV: SUCCESSION</u></p> <p><u>Article 42: Forms of succession</u></p>	<p><u>TITRE IV: SUCCESSIONS</u></p> <p><u>Article 42 : Formes de successions</u></p>

<p>Izungura rya nyakwigendera rishobora gukorwa nta rage cyangwa ku buryo bw'irage ku bintu byose cyangwa bimwe muri byo.</p> <p>Ibintu nyakwigendera atanzeho umurage bigabanywa hakurikije amategeko agenga izungura nta rage.</p> <p>UMUTWE WA MBERE: ITANGIRA RY'IZUNGURA N'ABEMERA KUZUNGURA</p> <p><u>Icyiciro cya mbere: Itangira ry'izungura</u></p> <p><u>Ingingo ya 43: Itangira ry'izungura</u></p> <p>Izungura rya nyakwigendera ritangira iyo amaze gupfa, rikabera aho atuye cyangwa yabaga.</p> <p>Ritangizwa kandi n'urubanza rutangaza urupfu iyo habayeho kuzimira cyangwa kubura.</p> <p>Nyuma y'itangira ry'izungura, ugomba kwegeranya umutungo uzungurwa atoranywa mu buryo bwateganijwe mu ngingo 76.</p> <p>Izungura nta buzima gatozi rifite. Rihagararirwa imbere y'inkiko n'ushinzwe kwegeranye umutungo uzungurwa</p>	<p>Succession of the <i>de cuius</i> shall be wholly or partially intestate and/or testamentary.</p> <p>Any property the <i>de cuius</i> does not give away by will is devolved according to the provisions applicable to intestate succession.</p> <p>CHAPTER ONE: COMMENCEMENT OF SUCCESSION AND PERSONS ENTITLED TO SUCCEED</p> <p><u>Section One: Commencement of succession</u></p> <p><u>Article 43: Commencement of succession</u></p> <p>Succession commences upon the death of the <i>de cuius</i>, at his/her domicile or residence.</p> <p>If the <i>de cuius</i> is absent or has disappeared, it may also commence with a court decision declaring him/her dead.</p> <p>After succession commences, the liquidator is appointed under the conditions provided in Article 76.</p> <p>The succession shall not have legal personality, but the liquidator shall represent the estate before the courts.</p>	<p>La succession du <i>de cuius</i> peut être <i>ab intestat</i> ou testamentaire, en tout ou en partie.</p> <p>Les biens dont le <i>de cuius</i> n'a pas disposé par testament sont dévolus conformément aux dispositions sur la succession <i>ab intestat</i>.</p> <p>CHAPITRE PREMIER: OUVERTURE DES SUCCESSIONS ET QUALITE REQUISE POUR SUCCEDER</p> <p><u>Section première : Ouverture des successions</u></p> <p><u>Article 43 : Ouverture de la succession</u></p> <p>La succession d'une personne s'ouvre par son décès, au lieu de son domicile ou de sa dernière résidence.</p> <p>Elle s'ouvre aussi par le jugement déclaratif de décès en cas d'absence ou de disparition.</p> <p>Après l'ouverture de la succession, il est procédé à la désignation du liquidateur dans les conditions prévues à l'article 76.</p> <p>La succession n'a pas de personnalité juridique. Elle est représentée devant les juridictions par le liquidateur.</p>
--	---	---

<p><u>Icyiciro cya 2: Abemerewe kuzungura</u></p> <p><u>Ingingo ya 44: Abahamagarirwa kuzungura</u></p> <p>Ushobora kuzungura ni umuntu ku giti cye wari waravutse igihe izungura ryatangiraga. Utari uhari na we ashobora kuzungura iyo agifatwa nk'utarapfa, kimwe n'umwana ukiri mu nda iyo abashije kuvuka ari muzima.</p> <p>Leta, n'ibindi bigo bya leta cyangwa by'abikorera ku giti cyabo bifite ubuzimagatozi bashobora kuzungura iyo ibizungurwa bigizwe n'umutungu ushobora gutungwa nabo.</p> <p><u>Ingingo ya 45: Uburinganire bw'abana mu izungura</u></p> <p>Abana amategeko mbonezamubano yemera ko ari aba nyakwigendera bazungura ku buryo bungana nta vangura hagati y'umwana w'umuhungu n'uw'umukobwa.</p> <p><u>Ingingo ya 46: Uzungura cyangwa uhabwa umurage</u></p> <p>Guhera ku umunsi izungura ryatangiriyeho, iyo abyemeye, yitwa umuzungura cyangwa uwahawe umurage, umuzungura wese ufite uburenganzira bwo kuzungura cyangwa wahawe umurage.</p> <p><u>Ingingo ya 47: Kwamburwa nta mpaka uburenganzira bwo kuzungura</u></p>	<p><u>Section 2: Persons entitled to succeed</u></p> <p><u>Article 44: Persons entitled to succeed</u></p> <p>Natural persons alive at the moment succession commences are eligible to inherit property, including any absent persons assumed to be alive at the time, as well as any unborn children of the <i>de cujus</i> who are born alive.</p> <p>The State and other public or private entities with legal personality may also be entitled to succeed to property under a will, within the constraints allowed by Rwandan law.</p> <p><u>Article 45: Equal treatment of children in succession</u></p> <p>All children of the <i>de cujus</i>, as defined by the Civil Code, shall inherit in equal parts without any discrimination between male and female children.</p> <p><u>Article 46: Succession by a legal heir or legatee</u></p> <p>A legal heir or legatee is anyone entitled to succeed the <i>de cujus</i> by intestate succession or will, starting from the day succession commences, so long as s/he does not renounce the right.</p> <p><u>Article 47: Automatic deprivation of succession rights</u></p>	<p><u>Section 2 : Qualités requises pour succéder</u></p> <p><u>Article 44 : Personnes appelées à la succession</u></p> <p>Peuvent succéder, les personnes physiques qui existent au moment de l'ouverture de la succession, y compris l'absent présumé vivant à cette époque, et l'enfant conçu à condition qu'il naisse vivant.</p> <p>L'Etat, les autres personnes morales de droit public ou de droit privé dans la limite des biens qu'elles peuvent posséder, peuvent recevoir par testament.</p> <p><u>Article 45: Egalité des enfants en matière de successions</u></p> <p>Tous les enfants du <i>de cujus</i> en vertu des lois civiles lui succèdent par parts égales sans discrimination aucune entre ceux de sexe masculin et ceux de sexe féminin.</p> <p><u>Article 46: Héritier ou légataire à la succession</u></p> <p>Est héritier ou légataire depuis l'ouverture de la succession, pour autant qu'il accepte, le successible à qui est dévolue la succession <i>ab intestat</i> ou celui qui reçoit par testament.</p> <p><u>Article 47 : Indignité de plein droit dans la succession</u></p>
--	---	---

<p>Yamburwa nta mpaka uburenganzira bwo kuzungura, umuzungura cyangwa uhabwa umurage wese:</p> <p>1° wakatiwe n’inkiko kuba yarishe abishaka cyangwa yaragambiriye kwica nyakwigendera;</p> <p>2° wakatiwe n’inkiko kuba yarabeshyeye cyangwa yaratanzeho nyakwigendera ubuhamya bw’ibinyoma bwashoboraga gutuma akatirwa n’inkiko igifungo nibura cy’amezi atandatu;</p> <p>3° yarataye nkana umwana we, cyangwa yaramushoye mu busambanyi cyangwa se yaramugiriye igikowa cy’iterasoni.</p> <p>Icyemezo cy’urukiko cyonyine kirahagije kugira ngo umuzungura wemewe n’itegeko cyangwa uhabwa umurage wakoze ibyaha byavuzwe mu gika kibanziriza iki, avanwe mu bazungura.</p> <p><u>Ingingo ya 48: Gushobora kwamburwa uburenganzira bwo kuzungura</u></p> <p>Ashobora kwamburwa uburenganzira bwo kuzungura, umuzungura wese wemewe n’itegeko cyangwa uwahawe umurage wese:</p> <p>1° wacanye umubano wa kibyeyi na nyakwigendera igihe yari akiriho;</p> <p>2° wirengagije kwita kuri nyakwigendera mu burwayi bwabanjirije urupfu rwe kandi yari abikeneye;</p>	<p>A legal heir or a legatee is automatically deprived of succession rights and is excluded from the liquidation of the estate of the <i>de cuius</i> if he/she:</p> <p>1° is convicted of intentionally killing the <i>de cuius</i>, or of attempting to kill him/her;</p> <p>2° is convicted of a false accusation or perjury that could have resulted in the <i>de cuius</i> being sentenced to at least six months imprisonment; or</p> <p>3° has deliberately abandoned his/her child, exposed him/her to sexual exploitation or sexually abused him/her.</p> <p>A court judgment convicting the legal heir or legatee of the mentioned offences is sufficient to deprive him/her of the right to succeed to property in the estate.</p> <p><u>Article 48: Optional deprivation of succession rights</u></p> <p>Any legal heir or legatee may be deprived of succession rights if s/he has:</p> <p>1° deliberately broken off the parental relationship with the <i>de cuius</i> during his/her lifetime;</p> <p>2° deliberately failed to provide needed care to the <i>de cuius</i> during his/her last days of illness;</p>	<p>Est indigne de succéder et, comme tel, exclu de plein droit de la succession, l'héritier légal ou le légataire qui :</p> <p>1° a été condamné pour avoir causé intentionnellement la mort ou voulu attenter à la vie du <i>de cuius</i> ;</p> <p>2° a été condamné pour dénonciation calomnieuse ou faux témoignage qu’aurait pu entraîner à l'encontre du <i>de cuius</i> une condamnation à une peine d'emprisonnement de six mois au moins;</p> <p>3° a délibérément abandonné son enfant, l’a exposé à l’exploitation sexuelle ou a attenté à sa pudeur.</p> <p>Le jugement de condamnation suffit pour écarter d’office l’héritier légal ou le légataire coupable de l’une de ces infractions.</p> <p><u>Article 48 : Indignité facultative dans la succession</u></p> <p>Peut être déclaré indigne de succéder, l'héritier légal ou le légataire qui :</p> <p>1° du vivant du <i>de cuius</i>, a volontairement rompu les relations parentales avec lui ;</p> <p>2° lors de la dernière maladie du <i>de cuius</i>, a délibérément négligé de lui apporter des soins alors qu’il en avait besoin;</p>
---	--	---

<p>3° witwaje ubushobozi buke bwa nyakwigendera, ari ubwo mu mutwe cyangwa ku mubiri, akiharira igice cyangwa umurage wose;</p> <p>4° warigishije nkana, yaracagaguye cyangwa wangije irage rya nyuma rya nyakwigendera atabimwemereye, cyangwa wihaye uburenganzira agendeye ku irage ryavanweho cyangwa ryataye agaciro.</p> <p>Ufite uburenganzira bwo kuzungura wese ashobora, mu gihe cy'umwaka uhereye ku munsu izungura ryatangiriyeho cyangwa ku munsu yamenyeyeho imwe muri izi mpamvu, gusaba urukiko rubifitiye ububasha kwambura ugomba kuzungura cyangwa ugomba guhabwa umurage, wakoze rimwe mu makosa yavuzwe mu gika kibanziriza iki. Ikirego gitangwa mu buryo bw'ikirego gitanzwe n'umuburanyi umwe.</p> <p><u>Ingingo ya 49: Kwirengagiza impamvu zambura uburenganzira bwo kuzungura</u></p> <p>Iyo mbere yo gupfa, nyakwigendera wari uzi impamvu yashoboraga gutera kwamburwa uburenganzira bwo kuzungura, yagize icyo aha uwagombaga kubwamburwa cyangwa ntahindure impano yamuhaye, nyamara yarashoboraga kubikora, uzungura ntiyamburwa uburenganzira bwo kuzungura.</p> <p><u>Ingingo ya 50: Inkurikizi zo kwamburwa uburenganzira bwo kuzungura</u></p>	<p>3° abused the physical or mental incapacity of the <i>de cuius</i> by wrongfully taking the whole or part of the inheritance; or</p> <p>4° intentionally disposed, destroyed or altered the last will of the <i>de cuius</i> without his/her consent, or took advantage of a will that was revoked or became void.</p> <p>If a person entitled to succession believes a legal heir or legatee is guilty of one of the faults mentioned in the previous paragraph, s/he may request a competent court to deprive the heir or legatee of the right to succeed; this action is barred after one year from the commencement of succession or the date the person was notified of one of those faults. The request is made through a petition by one of the other heirs/legatees.</p> <p><u>Article 49: Circumstances that do not result in deprivation of right to succeed</u></p> <p>An heir shall not be deprived of the right to succeed to property of the <i>de cuius</i> if the <i>de cuius</i> gave a legacy to an heir who s/he knew could be deprived of succession rights under the previous Article, or when the <i>de cuius</i> did not change the donation while s/he had the capacity to do so.</p> <p><u>Article 50: Effects of deprivation of succession rights</u></p>	<p>3° abusant de l'incapacité physique ou mentale du de cuius, a accaparé tout ou partie de l'héritage;</p> <p>4° intentionnellement a fait disparaître, détruit ou altéré le dernier testament du de cuius sans l'assentiment de celui-ci ou qui s'est prévalu d'un testament révoqué ou devenu caduc.</p> <p>Tout successible peut, dans l'année qui suit l'ouverture de la succession ou la connaissance d'une de ces causes, demander à la juridiction compétente de déclarer l'indignité de l'héritier ou du légataire coupable de l'une de ces fautes. La requête est introduite sous forme de requête unilatérale.</p> <p><u>Article 49 : Non considération de l'indignité</u></p> <p>L'héritier n'est pas indigne de succéder et ne peut être déclaré tel si le défunt, connaissant la cause d'indignité, l'a néanmoins avantagé ou n'a pas modifié la libéralité, alors qu'il aurait pu le faire.</p> <p><u>Article 50 : Effet de l'indignité</u></p>
--	--	--

<p>Uwambuwe uburenganzira bwo kuzungura avanwa mu mubare w'abazungura ba nyankwigendera. Umugabane yagombaga kubona wongerwa ku migabane y'abazungura basigaye.</p> <p>Nyamara rero, uwambuwe uburenganzira bwo kuzungura abuzwa gusa kuzungura umutungo w'uwo yahemukiye, ariko ashobora kuzungura undi mutungo w'umuryango.</p> <p>Uzungura cyangwa uhabwa umurage wakuwe mu mubare w'abazungura kubera kwamburwa uburenganzira bwo kuzungura, ategetswe gushyirwa ibyabyawe byose n'umutungo yikenuje kuva ku munsu umurage watangiriyeho.</p> <p><u>UMUTWE WA II: UBWOKO BW'IZUNGURA</u></p> <p><u>Icyiciro cya mbere: Izungura rikozwe ku buryo bw'irage n'umurage</u></p> <p><u>Akiciro ka mbere: Irage</u></p> <p><u>Ingingo ya 51: Ubushobozi bw'uraga cyangwa uhabwa umurage</u></p> <p>Umuntu wese ufite ubushobozi busabwa n'amategeko ashobora kuraga igice cyangwa umutungo we wose. Uwo muntu agomba kuba afite ubwo bushobozi mu gihe yakoraga irage.</p> <p>Uhabwa umurage we agomba kuba afite ubwo</p>	<p>Any person who is deprived of succession rights shall not succeed to any property of the <i>de cuius</i>. The share to which s/he was entitled shall devolve to the other successors.</p> <p>However, this exclusion does not prohibit the person from succeeding to other family property; the person is only deprived of the right to succeed the <i>de cuius</i> against whom s/he committed the offences.</p> <p>The heir or the legatee who is deprived of the right to succeed to property must return all the fruits accrued from the property s/he acquired as of the day the succession commenced.</p> <p><u>CHAPTER II: TYPES OF SUCCESSIONS</u></p> <p><u>Section one: Testamentary succession and legacy</u></p> <p><u>Sub-Section One: A Wills</u></p> <p><u>Article 51: Capacity of the testator or the legatee</u></p> <p>Any person with the required legal capacity may give away all or part of his/her property by a will. The testator's capacity to create a valid will is determined at the time the will is executed.</p> <p>The legatee is also obliged to possess such capacity</p>	<p>Celui qui est déclaré indigne est exclu de la succession du <i>de cuius</i>. La part qui devait lui revenir accroît la part des autres héritiers.</p> <p>Néanmoins, cette exclusion ne s'applique qu'à la succession même du <i>de cuius</i> envers qui a été commise la faute prévue par la loi, et non à toute autre succession de la famille.</p> <p>L'héritier ou le légataire exclu de la succession pour cause d'indignité est tenu de rendre tous les fruits et tous les revenus dont il a eu la jouissance depuis l'ouverture de la succession.</p> <p><u>CHAPITRE II: TYPES DE SUCCESSIONS</u></p> <p><u>Section première : Successions testamentaires et legs</u></p> <p><u>Sous section première: Testaments</u></p> <p><u>Article 51 : Capacité du testateur ou du légataire</u></p> <p>Toute personne ayant la capacité requise peut disposer par testament tout ou partie de ses biens. La capacité du testateur se considère au temps de l'établissement de son testament.</p> <p>Pour le légataire, la capacité s'apprécie au</p>
--	---	--

<p>bushobozi ku munsi wo kwemera irage.</p> <p>Ku mwana ukiri muto cyangwa ku muntu mukuru watswe ubushobozi, kwemera irage bikorwa hubahirijwe amategeko agenga uguhagararira abadafite ubushobozi.</p> <p><u>Ingingo ya 52</u> Ubwoko bw'irage</p> <p>Irage rishobora gukorwa:</p> <p>1° mu nyandiko bwite;</p> <p>2° imbere y'abazungura bazigamirwa;</p> <p>3° imbere y'abahamya; cyangwa</p> <p>4° mu nyandiko mpamo.</p> <p><u>Ingingo ya 53: Irage rikozwe mu nyandiko bwite</u></p> <p>Irage rikozwe mu nyandiko bwite ni irage ryanditswe ryose na nyir'ukurikora, akarishyiraho itariki n'umukono bye.</p> <p>Iyo utanga irage atazi kwandika cyangwa nta bushobozi afite bwo kwandika no bwo gushyira umukono ku irage, ashobora kwihitiramo uryandika mu mwanya we.</p> <p>Kugira ngo ridata agaciro, irage rikozwe mu</p>	<p>at the time of accepting the property given to him/her by the will.</p> <p>A minor or incapacitated person's acceptance of a will shall be carried out in conformity with laws relating to legal representation of incapacitated persons.</p> <p><u>Article 52: Types of wills</u></p> <p>The following types of wills are recognized under the law:</p> <p>1° holographic;</p> <p>2° made before the beneficiaries of the successoral reserve;</p> <p>3° made before witnesses; and</p> <p>4° authentic.</p> <p><u>Article 53: Holographic wills</u></p> <p>A holographic will is entirely handwritten, dated and signed by the testator.</p> <p>If the testator cannot write or is unable to draft or sign his/her will, s/he can appoint someone to do it on his/her behalf.</p> <p>A will drafted according to the previous paragraph</p>	<p>jour de l'acceptation du testament.</p> <p>L'acceptation d'un testament par le mineur ou majeur interdit se fait dans le respect des règles de la représentation des incapables.</p> <p><u>Article 52: Formes de testament</u></p> <p>Le testament peut être :</p> <p>1° olographe ;</p> <p>2° fait devant héritiers réservataires ;</p> <p>3° fait devant témoins ; ou</p> <p>4° authentique.</p> <p><u>Article 53: Testament olographe</u></p> <p>Le testament olographe est celui qui est écrit en entier de la main du testateur, daté et signé par lui.</p> <p>Dans le cas où le testateur ne sait pas écrire ou, le sachant mais se trouve dans l'incapacité de rédiger ou de signer son testament, il peut désigner celui qui l'établira pour lui.</p> <p>Le testament ainsi rédigé par un tiers doit à</p>
--	--	---

<p>buryo bwavuzwe mu gika kibanziriza iki, rigomba kwemezwa n'umwanditsi w'irangamimerere, cyangwa ushinzwe guhamya inyandiko bakorera mu ifasi y'aho ryakorewe uraga ahibereye.</p>	<p>will not be valid unless it is certified by the Civil Status Officer or a public notary in presence of the testator and in the jurisdiction where it was drafted.</p>	<p>peine de nullité, être légalisé par l'Officier de l'état civil ou par le notaire du lieu de sa rédaction, en présence du testateur.</p>
<p><u>Ingingo ya 54:</u> Irage rikorewe imbere y'abazungura bazigamirwa</p>	<p><u>Article 54:</u> Will made before the beneficiaries of the successoral reserve</p>	<p><u>Article 54:</u> Testament devant héritiers réservataires</p>
<p>Irage rikorewe imbere y'abazungura bazigamirwa ni irage ryanditswe n'uraga cyangwa undi muntu imbere y'abazungura bazigamirwa bashoboye kuboneka n'abahamya nibura babiri bakuru. Uraga ashya umukono kuri iryo rage cyangwa akariteraho igikumwe imbere y'abazungura bazigamiwe n'abahamya, maze nabo bakarishyiraho umukono cyangwa igikumwe, uraga ahibereye.</p>	<p>A will made before the beneficiaries of the successoral reserve is prepared by the testator or by any other person in the presence of the beneficiaries of the reserve who are present and at least two other adult witnesses. The testator shall endorse the will with his/her signature or thumbprint in the presence of the witnesses and beneficiaries. The witnesses shall also sign it in the presence of the testator.</p>	<p>Le testament devant héritiers réservataires est celui qui est écrit par le testateur ou par un tiers en présence de tous les héritiers réservataires disponibles et d'au moins deux témoins majeurs. Le testateur signe ce testament ou y appose son empreinte digitale en présence des héritiers réservataires et des témoins, qui le signent respectivement, en présence du testateur.</p>
<p><u>Ingingo ya 55:</u> Irage rikorewe imbere y'abahamya</p>	<p><u>Article 55:</u> Will made before witnesses</p>	<p><u>Article 55:</u> Testament devant témoins</p>
<p>Irage rikorewe imbere y'abahamya ni irage ryanditswe n'uraga cyangwa n'undi muntu imbere y'abahamya bakuru nibura bane.</p>	<p>The will made before witnesses is prepared by the testator or another person in the presence of at least four adult witnesses.</p>	<p>Le testament devant témoins est celui qui est écrit par le testateur ou par un tiers en présence d'au moins quatre témoins majeurs.</p>
<p>Uruga arishyiraho umukono cyangwa akariteraho igikumwe imbere y'abahamya, nabo bakarishyiraho umukono cyangwa igikumwe uraga ahiberereye.</p>	<p>The testator shall endorse the will with his/her signature or thumbprint in the presence of the witnesses. The witnesses shall then sign the will in the testator's presence.</p>	<p>Le testateur le signe ou y appose son empreinte digitale en présence des témoins, qui le signent également, en présence du testateur.</p>
<p>Iyo uraga atazi gusoma no kwandika, irage rishobora gukorwa, imbere y'abahamya, n'undi muntu uraga yihitiyemo maze akarishyiraho umukono. Nyamara kugira ngo ridata agaciro,</p>	<p>If the testator cannot read or write, s/he can appoint someone to sign the will on his/her behalf. A will made in such a manner shall be certified by the Civil Status Officer or the public notary in the presence of</p>	<p>Lorsque le testateur ne sait ni lire ni écrire, il peut faire rédiger son testament par un tiers, devant témoins, qui le signe en présence du testateur. Cependant, le testament ainsi rédigé</p>

<p>irage rikozwe muri ubwo buryo rigomba kwemezwa n'umwanditsi w'irangamimerere cyangwa umwanditsi uhamya inyandiko ukorera mu ifasi y'aho irage ryakorewe maze akarishyiraho umukono imbere y'uraga.</p> <p><u>Ingingo ya 56: Irage mpamo</u></p> <p>Irage mpamo ni irage rikorerwa n'uraga imbere y'umwanditsi uhamya inyandiko cyangwa imbere y'umwanditsi w'irangamimerere waho atuye cyangwa aba.</p> <p>Umwanditsi w'irangamimerere cyangwa uhamya inyandiko abika inyandiko y'umwimerere akandika mu gitabo cyabugenewe itariki irage ryakoreweho, amazina y'uraga, n'aho atuye cyangwa aho abarizwa.</p> <p>Iyo nyandiko y'umwimerere n'igitabo cyandikwamo irage bibikwa mu ibanga kandi ntawe ushobora kumenya ibyanditswemo uraga atarapfa kandi bikamenyeshwa gusa abarebwa n'irage bonyine.</p> <p><u>Ingingo ya 57: Irage rikozwe mu nyandiko nyinshi</u></p> <p>Ibiteganywa n'irage bishobora gushyirwa munyandiko z'umurage nyinshi kandi zikubahirizwa icyarimwe mu buryo bwose bushobotse.</p>	<p>the testator in the jurisdiction where the will was executed.</p> <p><u>Article 56: Authentic will</u></p> <p>An authentic will is made by the testator before the Civil Status Officer or the public notary of his/her residence or domicile.</p> <p>The Civil Status Officer or the public notary shall keep the original document and record the date on which the will was made along with the testator's name and residence or domicile in the appropriate register.</p> <p>The original document and the register shall be confidential until the testator dies, at which time only concerned persons will be allowed to access them.</p> <p><u>Article 57: Multiple wills</u></p> <p>Testamentary provisions may be found in several wills which, to the extent possible, shall be executed jointly.</p>	<p>doit à peine de nullité, être légalisé par l'Officier de l'état civil ou par le notaire du lieu de sa rédaction, en présence du testateur.</p> <p><u>Article 56: Testament authentique</u></p> <p>Le testament authentique est celui établi par le testateur soit devant le notaire, soit devant l'Officier de l'état civil de son domicile ou de sa résidence.</p> <p>Si le testament est établi devant l'Officier de l'état civil ou le notaire, celui-ci en garde l'original et inscrit dans un registre des testaments la date à laquelle celui-ci à été établi ainsi que les noms et le domicile ou la résidence du testateur.</p> <p>Cet original et le registre sont confidentiels et ne peuvent être consultés qu'après la mort du testateur et par les seules personnes concernées par le testament.</p> <p><u>Article 57: Testaments multiples</u></p> <p>Les dispositions testamentaires peuvent être contenues dans plusieurs testaments qui sont exécutés, dans la mesure du possible, conjointement.</p>
--	--	---

<p>Iyo ibiteganywa n'imirage ibiri cyangwa myinshi bibangamiranye, hubahirizwa ibikubiye mu irage rihurutse gukorwa.</p> <p><u>Ingingo ya 58: Ivanwaho ry'irage</u></p> <p>Irage rishobora kuvanwaho ryose cyangwa igice cyaryo n'ubaraza, mu buryo bumwe n'ubusabwa kugira ngo irage rigire agaciro.</p> <p>Ivanwaho ry'irage ritesha agaciro iryo rage. Izungura ry'umutungo wa nyakwigendera rikorwa hakurikijwe amategeko agenga izungura nta rage niba nta rindi rage ryigeze rikorwa.</p> <p><u>Ingingo ya 58: Gushyiraho ugabanya umutungo uzungurwa</u></p> <p>Uruga ashobora gushyiraho umuntu umwe cyangwa benshi bashinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo uzungurwa.</p> <p><u>Akiciro ka 2: Itanga ry'umurage</u></p> <p><u>Ingingo ya 59: Ubwoko bw'imirage</u></p> <p>Umurage ushobora gukorwa ku bintu byose, ku bintu bimwe cyangwa ku bintu bizwi :</p> <p>1° umurage kuri byose ni umurage uha nyir'ukuwuhabwa uburenganzira ku mutungo wose amategeko yemerera uraga gutanga;</p>	<p>Where the provisions of two or more wills are incompatible, the most recently drafted will shall prevail.</p> <p><u>Article 58: Revocation of a will</u></p> <p>The testator may revoke his/her will in whole or in part by following the same requirements necessary to execute a valid will.</p> <p>Revocation explicitly nullifies a will. If no other will is executed, the estate of the <i>de cuius</i> shall devolve by intestate succession.</p> <p><u>Article 58: Appointment of an liquidator</u></p> <p>The testator may appoint one or several liquidators to liquidate the estate.</p> <p><u>Sub-Section 2: Legacy</u></p> <p><u>Article 59: Types of legacies</u></p> <p>A legacy can be universal, of general title or of particular title:</p> <p>1° a universal legacy gives to one or many persons the entire amount of the testator's patrimony that s/he is allowed to give away by law;</p>	<p>Lorsque les dispositions de deux ou plusieurs testaments ne sont pas compatibles, la préférence est donnée aux dispositions contenues dans le testament le plus récent.</p> <p><u>Article 58: Révocation du testament</u></p> <p>Tout testament peut être révoqué en tout ou en partie par le testateur, dans les formes requises pour sa validité.</p> <p>La révocation produit comme effet l'anéantissement du testament. La succession des biens du <i>de cuius</i>, si aucun autre testament n'a été établi, se fait alors suivant les règles de la succession légale.</p> <p><u>Article 58: Désignation de l'exécuteur testamentaire</u></p> <p>Le testateur peut désigner un ou plusieurs exécuteurs testamentaires qui sont chargés d'assurer la liquidation de la succession.</p> <p><u>Sous section 2: Legs</u></p> <p><u>Article 59 : Sortes de legs</u></p> <p>Le legs peut être universel, à titre universel ou à titre particulier:</p> <p>1° le legs universel est celui qui donne à une ou plusieurs personnes vocation à recueillir la totalité des biens que la loi lui permet de disposer;</p>
--	---	---

<p>2° umurage kuri bimwe ni umurage uha nyir'ukuwuhabwa uburenganzira ku gice kimwe cy'umutungo amategeko yemerera uraga gutanga;</p> <p>3° umurage ku bintu bizwi ni umurage uha nyir'ukuwuhabwa uburenganzira ku kintu cyangwa ibintu bizwi mu mutungo w'uraga.</p> <p>Iyo hariho abazungura bazigamirwa, umurage kuri byose ugarukira ku bintu uraga yemerewe gutanga. Ninako bigenda iyo umurage ukozwe ku gice kimwe cy'umutungo.</p> <p>Umurage w'ibintu by'abandi uba imfabusa.</p> <p><u>Ingingo ya 60: Abagenerwa umurage</u></p> <p>Buri murage ugomba kugaragaza uwo ukorewe.</p> <p><u>Ingingo ya 61: Uragwa</u></p> <p>Uragwa umutungo wose cyangwa igice cy'umutungo azungura ku muni izungura ryatangiriyeho, iyo yemeye umurage. Afatany n'abandi bazungura kwishyura imyenda n'izindi nshingano za nyakwigendera.</p> <p>Uragwa ikintu kimwe cyangwa byinshi we ntabwo ategukwa kurangiza inshingano za</p>	<p>2° a legacy by general title gives one or many persons a share of the portion of the testator's patrimony that s/he is allowed to give away by law;</p> <p>3° a legacy by particular title gives one or many persons particular things from the testator's patrimony.</p> <p>If there are any beneficiaries of the successoral reserve, the extent of a universal legacy or legacy by general title is limited to the transferable quota.</p> <p>Any legacy of another person's property shall be void.</p> <p><u>Article 60: Beneficiary of legacy</u></p> <p>Every legacy shall indicate to whom it is given.</p> <p><u>Article 61: Legatees</u></p> <p>So long as they do not renounce the legacy, legatees by universal legacy or general title shall succeed to property from the time succession commences. They are liable for debts and charges left by the <i>de cujus</i>.</p> <p>A legatee by particular title shall not be liable for the obligations of the <i>de cujus</i>. However, s/he shall</p>	<p>2° le legs à titre universel est celui qui donne à une ou plusieurs personnes vocation à recueillir une quote-part des biens que la loi lui permet de disposer;</p> <p>3° le legs à titre particulier est celui qui donne à une ou plusieurs personnes droit à recueillir un ou des biens déterminés du patrimoine du testateur.</p> <p>En présence d'héritiers réservataires, l'universalité du legs se limite à la quotité disponible. De même la quote-part en cas de legs à titre universel se calcule dans le respect de la quotité disponible.</p> <p>Le legs de la chose d'autrui est nul.</p> <p><u>Article 60 : Bénéficiaires du legs</u></p> <p>Tout legs doit indiquer au profit de qui il est institué.</p> <p><u>Article 61 Légataires</u></p> <p>Le légataire universel ou à titre universel succède dès l'ouverture de la succession, pour autant qu'il accepte le legs. Il est tenu aux dettes et charges du <i>de cujus</i>.</p> <p>Le légataire particulier n'est pas tenu aux obligations du défunt. Cependant, il ne reçoit</p>
--	--	--

<p>nyakwigendera. Gusa abona icyo yahaweho umurage hakurikijwe urutonde ruteganywa mu ngingo ya 67.</p> <p><u>Ingingo ya 62: Kuraga abakene</u></p> <p>Iyo umuntu araze abakene bo mu gace runaka, uwo murage ufatwa n’umuyobozi w’umurenge batuyemo igihe cyo kwegeranya umutungo uzungurwa, maze akawushyikiriza ba nyirawo.</p> <p>Iyo araze umutungo we abakene batazwi, umurage uhabwa abakene batuye mu murenge nyakwigendera yari atuyemo cyangwa aho yabaga iyo ari umunyamahanga.</p> <p>Iyo uraga ntaho aba mu Rwanda, umurage ufatwa na minisiteri ifite imibereho myiza mu nshingano zayo, ikazawusaranganya abawukeneye kurusha abandi.</p> <p><u>Ingingo ya 63: Inkurikizi z’umurage</u></p> <p>Ibintu byarazwe n’ibigengwa nabyo, ibyabyawe nabyo byose n’indishyi zabyo zo mu bwishingizi bihabwa uwarazwe ku muni irage ritangiriyeho.</p> <p>Irage rikorewe ababereyemo imyenda ntabwo rifatwa nk’irihwanisha umwenda.</p>	<p>receive legacies following the order established under Article 67.</p> <p><u>Article 62: Legacy to the poor</u></p> <p>When the testator bequeaths his/her property to the poor of a given place, the legacy shall be collected by the Sector at the time of liquidation, which shall give it to the legatees.</p> <p>Where the testator bequeaths his or her property to poor in general, the legacy shall be deemed to be for the benefit of poor living in the Sector of the <i>de cuius</i>, or the residence of the <i>de cuius</i>, if s/he was a foreigner.</p> <p>Where the testator has no residence in Rwanda, the bequeathed legacy is collected by the Ministry in charge of Social Affairs, which shall distribute it to the neediest in the country.</p> <p><u>Article 63: Effects of legacy</u></p> <p>From the commencement of succession, legatees shall enjoy the bequeathed property and its appurtenances, fruits, revenues and entitlements to indemnity.</p> <p>A legacy to a creditor shall not be presumed to be payment for the testator’s debts.</p>	<p>sa libéralité que dans le respect de l’ordre établi à l’article 67.</p> <p><u>Article 62 : Legs aux pauvres</u></p> <p>Si un testateur lègue ses biens aux pauvres d’une région donnée, le legs leur attribué est recueilli, au moment de la liquidation de la succession, par leur Secteur qui le remet aux légataires.</p> <p>Si le testateur lègue ses biens aux pauvres en général, le legs est censé devoir profiter aux pauvres du Secteur qu’habitait le <i>de cuius</i> ou à ceux du lieu où le défunt de nationalité étrangère avait sa résidence.</p> <p>Si le testateur n’a pas de résidence au Rwanda, le legs sera recueilli par le ministère ayant les affaires sociales dans ses attributions, qui le distribuera aux plus nécessiteux du pays.</p> <p><u>Article 63 : Effet des legs</u></p> <p>Le bien légué ainsi que ses accessoires, les fruits, revenus et indemnités d’assurance de ce bien profitent au légataire à compter de l’ouverture de la succession.</p> <p>Le legs au créancier n’est pas présumé fait en compensation de sa créance.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 64: Guta agaciro k’umurage</u></p> <p>Umurage uta agaciro iyo:</p> <p>1° iyo uwahawe umurage apfuye mbere y’uwaraze, uretse igihe ashobora guhagararirwa;</p> <p>2° iyo icyari cyaratanzweho umurage cyangiritse cyose uraga akiriho;</p> <p>3° iyo uragwa yanze umurage cyangwa habayeho impamvu zituma yakwa uburenganzira bwo kwakira umurage.</p>	<p><u>Article 64: Obsolete legacy</u></p> <p>A legacy becomes obsolete in the following cases:</p> <p>1° if the legatee predeceases the testator, unless the legatee can be represented by his/her own descendants in accordance with the law;</p> <p>2° if, while the testator is still alive, the bequeathed property is completely destroyed; or</p> <p>3° if the legatee renounces the legacy or is deprived of it.</p>	<p><u>Article 64 : Caducité du legs</u></p> <p>Le legs est caduc dans les cas suivants :</p> <p>1° lorsque le légataire n’a pas survécu au testateur, sauf s’il y a lieu à représentation ;</p> <p>2° si le bien légué a totalement péri du vivant du testateur ;</p> <p>3° si le légataire y renonce ou lorsqu’il est indigne de le recevoir.</p>
<p><u>Ingingo ya 65: Iseswa ry’umurage</u></p> <p>Uraga ashobora gusesa umurage wose cyangwa igice cyawo mu buryo bwateganijwe kugira ngo ugire agaciro.</p> <p>Umurage wakorewe uwo bashakanye mbere yo gutandukana useswa nta mpaka iyo habayeho cy’icyemezo cy’urukiko cyemera ubutane.</p>	<p><u>Article 65: Revocation of legacy</u></p> <p>The testator may revoke a legacy in whole or in part by following the same requirements for executing a valid legacy.</p> <p>A legacy made for a spouse is automatically revoked by a court judgment for divorce.</p>	<p><u>Article 65 : Révocation du legs</u></p> <p>Tout legs peut être révoqué en tout ou en partie par le testateur, dans les formes requises pour sa validité.</p> <p>Le legs fait au conjoint antérieurement au divorce est révoqué de plein droit par le jugement de divorce.</p>
<p><u>Icyiciro 2: Izungura nta rage</u></p> <p><u>Ingingo ya 66: Igisobanuro cy’izungura nta rage</u></p> <p>Izungura nta rage ni izungura rikorwa hakurikijwe itegeko, iyo nta rage ryabayeho.</p>	<p><u>Section 2: Intestate Succession</u></p> <p><u>Article 66: Definition of intestate succession</u></p> <p>Intestate succession, or succession <i>ab intestat</i>, is succession that occurs by law when no will exists.</p>	<p><u>Section 2: Successions ab intestat</u></p> <p><u>Article 66 : Définition de la succession ab intestat</u></p> <p>La succession légale appelée <i>ab intestat</i> est une succession ouverte conformément à la loi, à défaut de testament.</p>

<p><u>Ingingo ya 67: Urutonde rw'abazungura bahoraho</u></p> <p>Mu izungura hakurikizwa urutonde rukurikira:</p> <p>1° abana ba nyakwigendera;</p> <p>2° se na nyina ba nyakwigendera;</p> <p>3° abavandimwe ba nyakwigendera basangiye ababyeyi bombi;</p> <p>4° abavandimwe ba nyakwigendera basangiye umubyeyi umwe;</p> <p>5° ba sekuru na nyirakuru ba nyakwigendera;</p> <p>6° ba se wabo, ba nyirasenge, ba nyirarume na ba nyina wabo ba nyakwigendera.</p> <p>Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 61 yiri teko, buri rwego rw'abazungura ruzitira izindi mu rutonde rw'izungura.</p> <p>Abana ba nyakwigendera basangiye ababyeyi bombi bazungura mu gisekuru cya se n'icya nyina, naho abana bahuje umubyeyi umwe gusa bazungura mu gisekuru cy'umubyeyi wabo gusa.</p> <p><u>Ingingo ya 68: Ihagararira mu izungura</u></p> <p>Uretse se na nyina ba nyakwigendera, iyo abazungura ba nyakwigendera cyangwa abo</p>	<p><u>Article 67: Order of regular heirs</u></p> <p>Heirs inherit property in the following order:</p> <p>1° children of the deceased;</p> <p>2° father and mother of the deceased;</p> <p>3° brothers and sisters of the deceased;</p> <p>4° half-brothers and half-sisters of the deceased;</p> <p>5° grandparents of the deceased;</p> <p>6° paternal and maternal uncles and aunts of the deceased.</p> <p>Each level in the succession order excludes the ones below it, with the exceptions provided by Article 61 of this Law.</p> <p>Children of both parents inherit on both the paternal and maternal sides, while those who share one parent inherit only on the side of that parent.</p> <p><u>Article 68: Representation in succession</u></p> <p>Apart from the father and mother of the deceased, the successors or legatees of the deceased who</p>	<p><u>Article 67 : Ordre des héritiers réguliers</u></p> <p>Les héritiers viennent à succession dans l'ordre suivant :</p> <p>1° les enfants du <i>de cuius</i> ;</p> <p>2° le père et la mère du <i>de cuius</i>;</p> <p>3° les frères et sœurs germains du <i>de cuius</i> ;</p> <p>4° les demi-frères et demi-sœurs du <i>de cuius</i> ;</p> <p>5° les grands-parents du <i>de cuius</i>;</p> <p>6° les oncles et tantes paternels et maternels.</p> <p>Chaque rang exclut les autres dans l'ordre de la succession, sauf les exceptions prévues par l'article 61 de la présente loi.</p> <p>Les enfants germains du défunt succèdent dans la ligne paternelle et maternelle, les enfants utérins ou consanguins succèdent dans leur ligne seulement.</p> <p><u>Article 68 : Représentation à la succession</u></p> <p>Hormis les père et mère du défunt, les héritiers et les légataires morts avant le <i>de</i></p>
--	---	---

<p>yahaye umurage bapfuye mbere ye, bahagararirwa mu izungura n'ababakomokaho. Ku bakomoka kuri nyakwigendera, iryo hagararirwa ntirigira aho rirangirira kandi igabana rikorwa hakurikijwe igisekuru.</p> <p>Abana buwambuwe uburenganzira bwo kuzungura n'ab'uwanze izungura ntibashobora guhagararira umubyeyi wabo; bazungura ku bwabo.</p> <p>Nyamara Inama ishinze iby'izungura igira icyo ibagera mu mutungo uzungurwa.</p>	<p>predecease him/her are represented in succession by their descendants. Representation is unlimited among direct descendants and is by generation.</p> <p>Children of an heir deprived of the right to inherit or who renounced an inheritance cannot represent their parent; however, they may inherit in their own right.</p> <p>However, the succession council shall determine a portion of the property to be inherited to give to those children.</p>	<p><i>cujus</i>, sont représentés à la succession par leurs descendants. La représentation a lieu à l'infini dans la ligne directe descendante et le partage s'opère par souche.</p> <p>Les enfants de l'indigne ou du renonçant ne peuvent pas succéder par représentation de leur auteur ; ils ne peuvent venir à cette succession que de leur chef.</p> <p>Toutefois, le conseil de famille détermine une portion du patrimoine successible à allouer à ces enfants.</p>
<p><u>Ingingo ya 69: Urutonde rw'abazungura badahoraho</u></p> <p>Uwapfakaye azungurana n'abazungura bo rwego rwa kabiri. Iyo ntabahari azungurana n'abo mu rwego rwa gatatu, bityo bityo. Iyo nta muzungura usigaye azungura umutungo wose wa nyakwigendera.</p> <p>Hatitawe ku buryo bw'icunga mutungo w'abashakanye, uwapfakaye uje mu izungura azungura icya kabiri cy'umutungo wa nyakwigendera, ikindi cyakabiri kikagera abandi bazungura.</p>	<p><u>Article 69: Order of irregular heirs</u></p> <p>The surviving spouse succeeds together with the heirs of the second level. In the absence of heirs at the second level, s/he succeeds together with heirs of the third level, and so forth. In the absence of any other legal heirs, s/he succeeds to the whole patrimony of the <i>de cuius</i>.</p> <p>Notwithstanding the matrimonial regime, the surviving spouse shall inherit half of the property of the deceased, and the other half goes to the other successors.</p>	<p><u>Article 69 : Ordre des héritiers irréguliers</u></p> <p>Si le <i>de cuius</i> a laissé un conjoint survivant, celui-ci succède en concours avec les héritiers du deuxième ordre. En l'absence des héritiers du deuxième ordre, il vient en concours avec les héritiers du troisième ordre, ainsi de suite. En l'absence de tout héritier, il succède en totalité le patrimoine du <i>de cuius</i>.</p> <p>Sans distinction de régime matrimonial, le conjoint survivant qui vient en concours hérite de la moitié des biens du défunt, l'autre moitié revenant aux autres héritiers.</p>
<p><u>Ingingo ya 70: Uburyo izungurwa rikorwamo</u></p> <p>Abashyirirwemo bafitanye amasezerano</p>	<p><u>Article 70: Succession Models</u></p> <p>Succession for spouses married under the community</p>	<p><u>Article 70 : Modalités de la succession</u></p> <p>Pour la succession des conjoints mariés sous</p>

<p>y'ivangamutungo rusange bazungurwa mu buryo bukurikira:</p> <p>1° iyo umwe apfuye usigaye yegukana icya kabiri (1/2) cy'umutungo bari basangiye nk'uburenganzira akura ku masezerano akura ku masezerano yo gucunga umutungo yari yarahisemo kandi agafatanya n'abandi bazungura kuzungura umutungo wa nyakwigendera nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 70 y'iri tegeko;</p> <p>2° iyo nyakwigendera yari afite abana, bazungura kimwe cya kabiri (1/2) cy'umutungo rusange bafatanije n'abandi bana nyakwigendera yaba afite ku giti cye, ikindi kikegurirwa uwapfakaye nk'uburenganzira akura mu masezerano yo gucunga umutungo yari yarahisemo;</p> <p>3° iyo abari barashyingiranwe bombi bapfuye bari bafitanye abana, aba nibo bazungura umutungo wose wa ba nyakwigendera bafatanije n'abana bandi ba nyakwigendera baba barasize buri wese ku giti cye;</p> <p>4° iyo bombi bapfuye nta bana basize, amasezerano yo gucunga umutungo araseswa, umutungo rusange ukagabanywamo ibice bibiri bingana, maze abazungura ba buri wese bakazungura hakurikijwe urutonde ruteganywa mu</p>	<p>property regime shall be carried out as follows:</p> <p>1° if one of the spouses dies, the surviving spouse shall take half (1/2) of the common property by right of the matrimonial regime and shall succeed to the other half along with the deceased's other heirs, as provided in Article 70 and the following provisions of the present Article of this Law;</p> <p>2° if the <i>de cuius</i> had any children with the surviving spouse, the surviving spouse takes his/her half of the common property, and their children shall inherit the other half, together with any other children of the <i>de cuius</i>;</p> <p>3° if both spouses die leaving common children, the children inherit the whole patrimony of their deceased parents, and divide the half of each parent with any half-siblings from that parent;</p> <p>4° if both spouses die without leaving any children, the matrimonial regime shall be dissolved and the property shall be divided into two equal parts, one half being allocated to the successors of the husband and the other being allocated to the successors of the wife according to the order</p>	<p>le régime de la communauté universelle, la succession s'effectue selon les modalités suivantes :</p> <p>1° en cas de décès de l'un deux, l'époux survivant recueille la moitié (1/2) du patrimoine commun comme droit attaché au régime matrimonial et vient à la succession de l'autre moitié en concours avec les autres successibles du de cuius comme il est prévu à l'article 70 de la présente loi ;</p> <p>2° lorsque le de cuius avait des enfants communs avec le conjoint survivant, ceux-ci succèdent la moitié du patrimoine commun en concours avec les enfants nés hors mariage du de cuius, s'il en avait un, et l'autre moitié revient de droit à l'époux survivant comme son droit attaché au régime matrimonial ;</p> <p>3° lorsque les deux (2) conjoints décèdent en laissant des enfants communs, ceux-ci succèdent l'entièreté du patrimoine de leurs parents décédés, avec les enfants personnels de leurs parents décédés;</p> <p>4° lorsque les conjoints décèdent sans laisser les enfants, le régime est dissout, le patrimoine est divisé en deux (2) parties égales et la première partie est allouées aux successibles du mari et l'autre à ceux de la femme selon l'ordre</p>
--	---	---

<p>ningingo ya 69;</p> <p>5° iyo uwapfakaye yongeye gushaka kandi nyamara yari afitanye abana na nyakwigendera, yegukana kimwe cya kabiri (1/2) cy'umutungo rusange ikindi kikazungurwa n'abana bose nyakwigendera yasize;</p> <p>6° iyo uwapfakaye atongeye gushaka ariko akabyara undi umwana, igihe cy'izungura abana uwapfakaye yari afitanye na nyakwigendera begurirwa bonyine kimwe cya kabiri cy'umutungo rusange, ikindi bakakizungura hamwe n'abandi bana uwapfakaye atabyaranye na nyakwigendera.</p> <p>Abashyingiranwe bafitanye amasezerano yo kuvangura umutungo, iyo umwe apfuye, usigaye agumana umutungo we bwite kandi agahamagarirwa kuzungura hamwe n'abandi bazungura umutungo wa nyakwigendera iyo nta bana nyakwigendera asize. Iyo nyakwigenderayari afite abana, aba nibo bazungura bonyine umutungo bwite wose w'umubyeyi wabo wapfuye.</p> <p>Abashyingiranwe bafitanye amasezerano yo kuvanga umutungo w'umuhahano, izungura rikurikiza uburyo bukoreshwa mu ivangamutungo rusange ku mutungo</p>	<p>established in Article 69;</p> <p>5° if a surviving spouse who had common children with the <i>de cujus</i> wants to remarry, he/she shall take half of the community property, and the other half shall be shared by all the children of the <i>de cujus</i>;</p> <p>6° if a surviving spouse does not remarry but subsequently has another child, the children of the <i>de cujus</i> shall succeed to half of the property, and all children of the surviving spouse shall succeed to the other half, without discrimination between children from his/her marriage with the <i>de cujus</i> and children born outside that marriage.</p> <p>Under the regime of separation of property, upon the death of one of the spouses, the surviving spouse shall take his/her own property. If the <i>de cujus</i> had no children, the surviving spouse shall participate with other heirs in the succession of the <i>de cujus</i>. If the <i>de cujus</i> did leave children, the children shall be entitled to inherit the whole property of their deceased parent.</p> <p>For spouses married under the limited community property regime, the succession rules for community of property shall apply to their common property and the rules for separation of property shall apply to any</p>	<p>établi dans l'article 69 ;</p> <p>5° lorsque le conjoint survivant qui avait des enfants communs avec le de cujus désire se remarier, il rentre en propriété de la moitié du patrimoine de la communauté et l'autre moitié est succédée par tous les enfants laissés par le de cujus;</p> <p>6° lorsque l'époux survivant ne se remarie pas mais donne naissance à un autre enfant, au jour de la succession, celui-ci est appelé seulement à la succession de la moitié du patrimoine commun en concours avec les autres enfants que le de cujus avait en commun avec le conjoint survivant tandis que l'autre moitié revient exclusivement aux enfants communs.</p> <p>Pour les époux mariés sous le régime de la séparation des biens, à la mort de l'un deux, le survivant reste avec son patrimoine propre et vient à la succession du patrimoine de son époux décédé en concours avec les autres successibles, en cas d'absence d'enfants. Si le de cujus avait des enfants, ceux-ci succèdent seuls la totalité du patrimoine propre de leur parent décédé.</p> <p>Pour les conjoints mariés sous le régime de la communauté réduite aux acquêts, la succession suit les mêmes modalités que celles appliquées au régime de la communauté</p>
--	--	---

<p>w'umuhahano n'uburyo bukoreshwa ku ivanguramutungo ku mutungo wa buri wese.</p> <p><u>Ingingo ya 71: Izungura ridafite nyiraryo</u></p> <p>Iyo ntawe uzungura cyangwa uragwa uhari, cyangwa mu gihe abazungura banze umurage, izungura ryitwa ko ridafite nyiraryo; umutungo uzungurwa ugahita wegurirwa Leta.</p> <p>Leta itegekwa kurangiza inshingano za nyakwigendera hakurijwe agaciro k'ibintu yakiriye.</p> <p><u>Ingingo ya 72: Uko izungura ridafite nyiraryo rikorwa</u></p> <p>Izungura ridafite nyiraryo rikorwa mu buryo bukurikira:</p> <p>1° urukiko rubifitiye ububasha cyangwa Komite rw'abunzi rwerekana ko izungura ritafite nyiraryo, rubisabwe n'umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge w'aho izungura rigomba kubera cyangwa w'aho umutungo uzungurwa uri;</p> <p>2° mu gihe kitarenze ukwezi kumwe, urukiko cyangwa Komite y'abunzi yaregewe rugomba gufata icyemezo kigaragaza by'agateganyo ko izungura ridafite nyiraryo maze rukagena umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi kuba</p>	<p>personal property.</p> <p><u>Article 71: Succession without an heir</u></p> <p>When the <i>de cuius</i> leaves no heir or legatee, or if the purported heirs or legatees renounce all gifts and legacies, the property of the <i>de cuius</i> escheats to the State.</p> <p>The State shall pay the obligations of the deceased only up to the value of the property received.</p> <p><u>Article 72: The escheat procedure</u></p> <p>The escheat procedure shall be as follows:</p> <p>1° the competent court or the mediation committee shall declare that property escheats to the State by petition of the Executive Secretary of the Sector where the estate is liquidated or where the property is located;</p> <p>2° within a period of one month of receiving the petition, the court or the mediation committee shall reach a verdict and appoint a natural or moral person to temporarily administer the estate for the benefit of the State. The administrator shall present a management report</p>	<p>universelle pour les acquêts et celles appliquées au régime de la séparation pour les propres.</p> <p><u>Article 71 : Succession en déshérence</u></p> <p>A défaut de tout héritier ou légataire ou lorsque les héritiers ou légataires connus y ont renoncé, la succession est dite en déshérence et est dévolue à l'Etat.</p> <p>Il n'est pas tenu des obligations du défunt au-delà de la valeur des biens qu'il recueille.</p> <p><u>Article 72 : Procédure de déshérence</u></p> <p>La procédure de déshérence est fixée de façon suivante :</p> <p>1° la juridiction compétente ou le comité des conciliateurs constate la déshérence de la succession à la requête du secrétaire exécutif du secteur du lieu de l'ouverture de la succession ou du lieu où se trouvent les biens de la succession ;</p> <p>2° la Juridiction saisie ou le comité des conciliateurs, dans un délai d'un mois, prononce la déshérence provisoire et désigne la personne physique ou morale chargée provisoirement de l'administration des biens pour le compte</p>
---	--	--

<p>acunga by'agateganyo uwo mutungo mu izina rya Leta. Uwo ubicunga atanga buri mwaka raporo y'imicungire y'umutungo, akayiha ubuyobozi bw'Akarere, akagenera kopi Umunyababga nshingwabikorwa w'Umurenge;</p> <p>3° icyo cyemezo kimanikwa ku biro by'umurenge w'aho izungura rigomba kubera cyangwa w'aho umutungo uzungurwa uri;</p> <p>4° nyuma y'imyaka itatu, ku mutungo wimukanwa, n'imyaka icumi ku mutungo utimukanwa, urukiko rubisabwe n'umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge rutangaza ku buryo budasubirwaho ko izungura ridafite nyiraryo maze umutungo uzungurwa uguhita wegurirwa Leta. Nyamara iyo ibihe by'ubuzime biteganyijwe n'itegeko rigena ubusaze bitarangira, umuzungura ubonetse ashobora gusaba ko asubizwa ibintu byari byareguriwe Leta.</p> <p>5° abazungura bigaragaje mbere y'uko ibihe byavuzwe haruguru birangira bazungura umutungo wa nyakwigendera uko bawusanze, hagakurwamo ibyakoreshwe bawurinda, batanga amatangazo, bawucunga n'ibindi byose Leta yaba yarakoze mu kurenge uwo mutungo.</p> <p><u>Ingingo ya 73: Itegeko rikurikizwa mu nyandiko z'iraga z'umunyamahanga uri mu</u></p>	<p>to the Administration of the District each year, and provide a copy of the report to the Executive Secretary of the Sector;</p> <p>3° the court's verdict shall be published at the Sector Office of the sector where the succession commences or where the property is located;</p> <p>4° upon petition of the Sector Executive Secretary, the court shall declare escheat and the property will devolve to the State; the petition should be brought three years after the death of the <i>de cuius</i> for movable property and ten years after for immovable property. However, if the periods provided for in the law on prescription do not yet expire, a heir who appears may request to be given back the property previously devolved to the State.</p> <p>5° a successor who appears before the expiration of these deadlines shall succeed to any property just as s/he finds it, after deducting the State's costs of custody, publicity, management and protection of the property.</p> <p><u>Article 73: Wills made by foreigners living in Rwanda or by Rwandans living abroad</u></p>	<p>de l'Etat. Cette personne établit chaque année un rapport de gestion qu'il adresse à l'administration du District et en réserve une copie au secrétaire exécutif du secteur ;</p> <p>3° cette décision est publiée par voie d'affichage au bureau de secteur du lieu de l'ouverture de la succession ou du lieu où se trouvent les biens de la succession ;</p> <p>4° après trois ans pour les biens meubles et dix ans pour les biens immeubles, la déshérence est, sur requête du secrétaire exécutif, déclarée définitive par la juridiction la succession étant dévolue à l'Etat. Cependant, si les délais prévus par la loi sur la prescription ne sont pas encore expirés, l'héritier qui apparaît peut réclamer qu'il soit restitué le patrimoine qui avait été dévolu à l'Etat.</p> <p>5° les héritiers qui se présentent avant cette échéance reçoivent la succession dans l'état où elle se trouve, déduction faite des frais de garde, de publicité, de gestion et d'éventuelles dispositions de sauvegarde, exposés par l'Etat.</p> <p><u>Article 73 : Loi applicable aux actes de dernière volonté contenant un élément</u></p>
--	---	--

<p>Rwanda cyangwa umunyarwanda uba mu mahanga</p> <p>Inyandiko z'irage zikozwe n'abanyarwanda baba mu mahanga zigengwa:</p> <p>1° ku byerekeranye n'uko ziteye, n'itegeko ry'igihugu zakorewemo. Nyamara umunyarwanda ashobora no guhitamo uburyo buteganywa n'itegeko ry'igihugu cye;</p> <p>2° ku byerekeye icyo zivuga n'inkurikizi zazo, n'itegeko ry'u Rwanda.</p> <p>Inyandiko z'irage zikozwe n'umunyahanga uba mu Rwanda zigengwa:</p> <p>1° ku byerekeranye n'uko ziteye, n'itegeko ry'igihugu zakorewemo. Nyamara umunyahanga ukoreye ibyifuzo bye bya nyuma mu Rwanda ashobora guhitamo uburyo buteganywa n'itegeko ry'igihugu akomokamo;</p> <p>2° ku byerekeye icyo zivuga n'inkurikizi zazo, n'itegeko ry'igihugu akomokamo.</p> <p>UMUTWE WA III: IYEGERANYA N'IGABANYA RY'IBIZUNGURWA</p> <p>Icyiciro cya mbere: Iyegeranya ry'ibizungurwa</p>	<p>Any will made by a Rwandan residing outside Rwanda is regulated as follows:</p> <p>1° inform, the will must conform to the law of the State in which it is made. However, a Rwandan may choose to follow the laws of Rwanda in this respect;</p> <p>2° in its substance and effects, Rwandan law shall govern.</p> <p>Any will made by a foreigner residing in Rwanda is regulated as follows:</p> <p>1° in form, the will must conform to the law of the State in which it is made. However, a foreigner who makes his/her will in Rwanda may choose to use the laws of his/her country of origin in this respect;</p> <p>2° in its substance and effects, the laws of his/her country of origin shall govern.</p> <p>CHAPTER III: LIQUIDATION AND PARTITION OF THE ESTATE</p> <p>Section One: Liquidation of property in the estate</p>	<p>d'extranéité</p> <p>Les actes de dernière volonté des Rwandais résidant à l'étranger sont régis:</p> <p>1° quant à leur forme, par la loi du lieu où ils sont faits. Toutefois, le Rwandais faisant un acte de dernière volonté à l'étranger a la faculté de suivre les formes prévues par la loi rwandaise;</p> <p>2° quant à leur substance et à leurs effets, par la loi rwandaise.</p> <p>Les actes de dernière volonté de l'étranger résidant au Rwanda sont régis:</p> <p>1° quant à leur forme, par la loi du lieu où ils sont faits. Toutefois, l'étranger faisant un acte de dernière volonté au Rwanda a la faculté de suivre les formes prévues par sa loi nationale;</p> <p>2° quant à leur substance et à leurs effets, par la loi nationale du défunt.</p> <p>CHAPITRE III: LIQUIDATION ET PARTAGE DES BIENS SUCCESSORAUX</p> <p>Section première: Liquidation des biens successoraux</p>
---	--	---

<p><u>Akiciro ka mbere: Ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa n'inama ishinzwe iby'izungura</u></p> <p><u>Ingingo ya 74: Ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa</u></p> <p>Uretse iyo irage ryabigennye ukundi, kwegeranya umutungo uzungurwa byegurirwa nta mpaka abazungura.</p> <p>Ku bwiganze bw'amajwi bworoheje, abazungura bitoramo ugomba kwegeranya umutungo uzungurwa, bakanagena uburyo asimburwa.</p> <p>Iyo bananiwe kumvikana kandi bidashobokera inama ishinzwe iby'izungura gushyiraho ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa, uwo ari wese ubifitemo inyungu ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha kumushyiraho.</p> <p><u>Ingingo ya 75: Inama ishinzwe iby'izungura</u></p> <p>Inama ishinzwe iby'izungura igizwe n'uwapfakaye, umwana uhagarariye abana ba nyakwigendera, iyo harimo abakuru, uhagarariye umuryango wa nyakwigendera, uhagarariye umuryango w'uwapfakaye, inshuti y'inyangamugayo imwe itoranywa n'umuryango w'uwapfakaye n'indi itoranywa n'umuryango wa nyakwigendera.</p>	<p><u>Sub-Section One: Liquidator and Succession Council</u></p> <p><u>Article 74: Liquidator of the estate</u></p> <p>Unless the will provides otherwise, the role of the liquidator shall pass automatically to the heirs.</p> <p>The heirs shall choose a liquidator amongst themselves by simple majority, and shall decide how s/he should be replaced if necessary.</p> <p>In the absence of an agreement and in case the Succession Council is unable to appoint a liquidator, any interested person may petition the competent court to designate a liquidator.</p> <p><u>Article 75: Succession Council</u></p> <p>The Succession Council shall include the surviving spouse, a child delegated by the children of the deceased (if any children of full age survive), a delegate of the deceased's family, a delegate of the surviving spouse's family, a friend of good character appointed by the family of the surviving spouse, and another one appointed by the family of the deceased.</p>	<p><u>Sous section première : Liquidateur de la succession et conseil successoral</u></p> <p><u>Article 74: Liquidateur de la succession</u></p> <p>La charge de liquidateur incombe de plein droit aux héritiers, à moins d'une disposition testamentaire contraire.</p> <p>Les héritiers désignent à la majorité simple le liquidateur parmi eux et déterminent le mode de son remplacement.</p> <p>A défaut d'entente entre les héritiers et en cas d'impossibilité de pourvoir à la nomination du liquidateur par le conseil successoral, toute personne intéressée peut demander à la juridiction compétente de désigner un liquidateur.</p> <p><u>Article 75 : Conseil successoral</u></p> <p>Le Conseil successoral comprend l'époux survivant, un enfant délégué par les enfants du défunt s'il y en a qui sont majeurs, un délégué de la famille du <i>de cuius</i>, un délégué de la famille du conjoint survivant, une personne amie et de bonne conduite désignée par la famille du conjoint survivant, une personne amie et de bonne conduite désignée par la famille du <i>de cuius</i>.</p>
--	---	---

<p>Inama ishinzwe iby'izungura ishinzwe cyane cyane ni uguhitamo umuntu ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa, gukurikirana uburere bw'abana bakiri bato n'ibijyanye n'imibereho yabo muri rusange.</p> <p>Babyumvikanyeho, abagize inama ishinzwe iby'izungura bitoramo umuntu uzayiyobora n'uzayibera umunyabanga. Ibyemezo by'iyi nama bifatwa abayigize bose bahari kandi bagahita babishyiraho umukono.</p> <p><u>Ingingo ya 76: Ibikorwa n'ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa</u></p> <p>Ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° acunga umutungo uzungurwa; 2° yishyura imyenda igeze igihe cyo kwishyurwa yari yarafashwe na nyakwigendera; 3° agena ku buryo budasubirwaho abagomba kuzungura; 4° afata ibyemezo ku mpaka zirebana n'igabana; 5° agaragariza abagomba kuzungura cyangwa urukiko, iyo kwegeranya umutungo uzungurwa byategetswe n'urukiko, uko yacunze umutungo ugomba kuzungurwa. 	<p>The succession Council shall designate the liquidator of property in succession and follow up the education of children who are still minors.</p> <p>The Succession Council shall appoint a chairperson and a secretary from amongst themselves by consensus. The Council's decisions shall be reached in the presence of every member, and members must indicate assent by signature.</p> <p><u>Article 76: Functions of the liquidator</u></p> <p>The liquidator shall:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° administer the estate; 2° make payments as they are due on any outstanding debts owed by the deceased; 3° determine those who are entitled to inherit; 4° decide on any partition controversies; 5° make an accounting to all those entitled to inherit any portion of the estate, or to the court when the liquidator is appointed the court. 	<p>Le conseil successoral choisit le liquidateur des biens successoraux et fait le suivi de l'éducation des enfants encore mineurs.</p> <p>Le conseil successoral choisit de commun accord le président du conseil et le secrétaire. Les décisions du conseil successoral sont prises en présence de tous les membres qui les signent.</p> <p><u>Article 76 : Fonctions du liquidateur</u></p> <p>Le liquidateur:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° administre la succession ; 2° paye les dettes exigibles contractées par le <i>de cujus</i> ; 3° détermine définitivement ceux qui sont appelés à la succession ; 4° décide sur les différends du partage ; 5° rend compte de la gestion aux appelés à la succession ou à la juridiction en cas de liquidation judiciaire.
--	---	---

<p><u>Akicro ka 2: Ibarura ry'umutungo uzungurwa</u></p> <p><u>Ingingo ya 77: Ibarura ry'umutungo</u></p> <p>Ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa ategetswe gukora ibarura ry'umutungo n'imyenda bya nyakwigendera.</p> <p>Agenera kopi y'iryo barura abazungura, baba badahari akayigenera inama ishinzwe iby'izungura cyangwa urukiko.</p> <p><u>Ingingo ya 78: Impaka ku ibarura ry'umutungo ugomba kuzungurwa</u></p> <p>Abazungura, abarazwe n'abari baberewemo imyenda na nyakwigendera bashobora kutemera ibarura ry'umutungo ugomba kuzungurwa; icyo gihe basaba inama ishinzwe iby'izungura ko ryasubirwamo. Iyo badashimishijwe n'icyemezo cy'inama ishinzwe iby'izungura, ikirego gishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha.</p> <p><u>Akicro ka 3: Kwishyura imyenda no gutanga imirage</u></p> <p><u>Ingingo ya 80: Kwishyura imyenda ikurwa mu mutungo uzungurwa</u></p> <p>Mu kwishyura imyenda ikurwa ku mutungo, ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa agomba kubahiriza urutonde rukurikira:</p> <p>1° Ibyatanzwe mu ishyingurwa rya</p>	<p><u>Sub-Section 2: Inventory of property in the estate</u></p> <p><u>Article 77: Inventory of the property</u></p> <p>The liquidator shall make an inventory of both the assets and liabilities of the deceased.</p> <p>A copy of that inventory is reserved for the heirs, and when they are not present, for the Succession Council or the court.</p> <p><u>Article 78: Contesting the inventory of property</u></p> <p>The heirs, legatees and creditors of the <i>de cujus</i> may contest an inventory of the property in the estate and request the Succession Council to perform another inventory. If the Succession Council rejects such a request, the concerned party may file a complaint in a competent court.</p> <p><u>Sub-Section 3: Payment of debts and distribution of legacies by particular title</u></p> <p><u>Article 80: Payment of the debts of the estate</u></p> <p>When paying the expenses of the estate, the liquidator shall ensure costs are paid in following order:</p> <p>1° the funeral costs of the deceased;</p>	<p><u>Sous section 2 : Inventaire des biens de la succession</u></p> <p><u>Article 77 : Inventaire des biens</u></p> <p>Le liquidateur est tenu de faire inventaire de l'actif et du passif des biens du <i>de cujus</i>.</p> <p>Une copie de cet inventaire est adressée aux héritiers, à défaut au conseil successoral ou à la juridiction.</p> <p><u>Article 78 : Contestation de l'inventaire des biens</u></p> <p>Les héritiers, les légataires, et les créanciers de la succession peuvent contester l'inventaire et demander au conseil successoral de procéder à sa révision. Au cas où la décision du conseil ne satisfait pas les concernés, l'action est portée devant la juridiction compétente.</p> <p><u>Sous section 3 : Paiement des dettes et des legs particuliers</u></p> <p><u>Article 80: Règlement des charges de la succession</u></p> <p>Dans le règlement des charges de la succession, le liquidateur doit respecter l'ordre suivant :</p> <p>1° les frais funéraires du <i>de cujus</i> ;</p>
--	---	---

<p>nyakwigendera;</p> <p>2° imishahara nyakwigendera yagombaga guhemba;</p> <p>3° ibyatanzwe mu icunga, iyegejanya n'igabagabanya-mutungo;</p> <p>4° imyenda ya nyakwigendera;</p> <p>5° imirage ku bintu bizwi yatanzwe na nyakwigendera.</p> <p>Akicro ka 4: Guhitamo kuzungura</p> <p><u>Ingingo ya 81: Kwemera kuzungura</u></p> <p>Ntawe uhatirwa kwemera kuzungura cyangwa gufata umurage ahamagariwe. Uzungura wese afite uburenganzira bwo kwemera cyangwa kwanga umurage. Kwemera izungura bikorwa mu buryo bweruye cyangwa mu buryo buteruye.</p> <p><u>Ingingo ya 82: Inkurikizi zo kwemera kuzungura</u></p> <p>Iyo bemeye kuzungura, uzungura wese cyangwa uwarazwe umutungo wose w'uraga cyangwa uwarazwe igice kimwe cy'umutungo bagomba kuriha imyenda ya nyakwigendera mu kigereranyo cy'uruhare bagomba kubona ku mutungo uzungurwa.</p> <p><u>Ingingo ya 83: Kwemera kuzungura umuntu</u></p>	<p>2° wages and salaries payable by the deceased;</p> <p>3° the costs of administering and liquidating the estate;</p> <p>4° the debts of the deceased;</p> <p>5° legacies by particular title made by the deceased;</p> <p>Sub-Section 4: Option to accept or renounce inheritance or legacy</p> <p><u>Article 81: Acceptance of property</u></p> <p>No one shall be bound to accept the property s/he inherits or receives by legacy. All the successors have the right to accept or renounce property. Acceptance shall be express or tacit.</p> <p><u>Article 82: Effects of acceptance</u></p> <p>When any heir or legatee accepts property by universal legacy or general title, s/he also assumes any liabilities on the property in proportion to the amount of the property s/he receives.</p> <p><u>Article 83: Future acceptance of property</u></p>	<p>2° les rémunérations dues par le <i>de cujus</i> ;</p> <p>3° les frais d'administration, de liquidation et de partage de la succession ;</p> <p>4° les dettes du <i>de cujus</i> ;</p> <p>5° les legs à titre particulier faits par le <i>de cujus</i>.</p> <p>Sous section 4 : Option successorale</p> <p><u>Article 81 : Acceptation de la succession</u></p> <p>Nul n'est tenu d'accepter la succession ou le legs auquel il est appelé. Tout successible a le droit d'accepter la succession ou d'y renoncer. L'acceptation est expresse ou tacite.</p> <p><u>Article 82 : Effet de l'acceptation</u></p> <p>Tout héritier ou légataire universel ou à titre universel est tenu, en cas d'acceptation de la succession, de supporter le passif de celle-ci en proportion de la part du patrimoine qui lui échoit.</p> <p><u>Article 83 : Acceptation d'une succession</u></p>
--	---	--

<p>ukiriho</p> <p>Ntawe ushobora kwemera cyangwa kwanga kuzungura umuntu ukiriho kabone nubwo nyir'ibintu bizungurwa yaba abyemera.</p> <p><u>Ingingo ya 84: Gukoresha uburenganzira bwo guhitamo kuzungura</u></p> <p>Guhitamo kuzungura bikorwa mu gihe cy'amezi atandatu abarwa uhereye ku itariki uzungura cyangwa uragwa yamenyesherejweho n'ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa ko afite uburenganzira bwo kuzungura cyangwa ku muni ubwe yagaragajeho ko afite ubwo burenganzira.</p> <p>Umuntu ufite ububasha bwa kibyezi ku mwana utaragera ku myaka y'ubukure niwe umuhitiramo kuzungura cyangwa kutazungura; umuntu mukuru watswe ubushobozi we ahitirwamo n'umwishingizi we.</p> <p>Iyo umuntu apfuye atemeye cyangwa ngo yange kuzungura, bikorwa n'abamuzungura.</p> <p><u>Ingingo ya 85: Uburyo kwanga kuzungura bikorwamo</u></p> <p>Kwanga kuzungura bigomba kugaragazwa mu buryo budashidakanywaho. Bigomba gukorwa mu nyandiko, bikamenyeshwa ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa mbere y'uko</p>	<p>No one shall accept or renounce an inheritance or a legacy from a living person, even when that person consents.</p> <p><u>Article 84: Exercising the right to renounce an inheritance or a legacy</u></p> <p>The right to renounce an inheritance or a legacy must be exercised within six months of when the liquidator informs the heir or legatee of his/her right to renounce, or of when the heir/legatee acknowledges that s/he has that right.</p> <p>The person exercising parental authority or trusteeship over a minor or a major deprived of the right to succeed shall exercise the heir/legatee's right to renounce.</p> <p>When a person dies before exercising that right, it is passed on to his/her heirs.</p> <p><u>Article 85: Forms of renunciation</u></p> <p>Renunciation should be express. It shall be in writing and notified to the liquidator of the estate before the expiration of the six-month period.</p>	<p>future</p> <p>Nul ne peut accepter ou renoncer à une succession non encore ouverte, même avec le consentement de celui dont la succession est en cause.</p> <p><u>Article 84 : Exercice du droit d'option successorale</u></p> <p>Le droit d'option successorale doit être exercé dans les six mois à partir de la date où l'héritier ou le légataire a été informé par le liquidateur de sa qualité ou du jour où il en a lui-même fait état.</p> <p>L'option successorale pour le mineur ou le majeur interdit est faite par la personne qui exerce l'autorité parentale ou la tutelle sur lui.</p> <p>Lorsqu'une personne décède sans avoir exercé l'option successorale, son droit passe aux héritiers.</p> <p><u>Article 85: Formes de renonciation à la succession</u></p> <p>La renonciation à la succession ne se présume pas. Elle doit être faite par écrit et être signifiée au liquidateur de la succession avant l'expiration du délai d'option.</p>
---	--	---

<p>igihe cyangenwe cyo guhitamo izungura kirangira.</p> <p>Niba uzungura atazi kwandika, ashobora kuvuga mu magambo ko yanze kuzungura mu gihe cyagenwe, imbere y'abahamya babiri.</p> <p>Iyo uzungura atagize icyo avuga kandi yaramanyeshejwe ko ari mubazungura, bifatwa nk'aho yemeye kuzungura.</p> <p><u>Ingingo ya 86:</u> Inkurikizi zo kwanga kuzungura</p> <p>Uzungura cyangwa uwahawe umurage wanze kuzungura afatwa nk'aho atigeze ashwirwa mu bagomba kuzungura. Ntabwo asabwa kwishyura imyenda ikurwa ku mutungo uzungurwa.</p> <p><u>Ingingo ya 87:</u> Ukwisubiraho mu guhitamo kuzungura</p> <p>Kwemera cyangwa kwanga kuzungura ntibisubirwaho kandi bigira agaciro guhera umunsi w'urupfu rwa nyakwigendera</p> <p>Icyakora uzungura cyangwa uwahawe umurage wanze kuzungura ntashobora kwisubiraho iyo igihe cyo guhitamo cyarangiyeye, keretse iyo kwanga kuzungura byabayeho hakoreshejwe uburiganya, ingufu cyangwa iterabwoba kandi bikaregerwa mu rukiko mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) uherye igihe byarangiriye. Icyo gihe gishobora kongerwa habonetse impamvu</p>	<p>If the heir/legatee cannot write, s/he may renounce an inheritance or legacy verbally in the presence of two witnesses.</p> <p>If the heir/legatee does not accept or renounce the inheritance/legacy after being informed of his/her right, this silence is considered to be acceptance.</p> <p><u>Article 86:</u> The effects of renunciation</p> <p>If an heir/legatee renounces an inheritance or legacy, s/he is deemed to have never been entitled to take from the <i>de cuius</i>. S/he is not required to pay any debts or charges on the deceased's property.</p> <p><u>Article 87:</u> Irrevocability of renunciation or acceptance</p> <p>Acceptance or renunciation of property is irrevocable and is considered effective from the date of the <i>de cuius</i>'s death.</p> <p>Renunciation shall become irrevocable only upon expiration of the six-month period, unless the renunciation was obtained by fraud, violence or threats, and a legal action was filed before the court within twelve (12) months of when those acts ceased. If convincing proof exists, this period may be extended.</p>	<p>Si l'héritier ne sait pas écrire, il peut le déclarer verbalement dans ledit délai en présence de deux témoins.</p> <p>En cas de silence de l'héritier alors qu'il a été informé de sa qualité, ce silence vaut acceptation de la succession.</p> <p><u>Article 86 :</u> Effets de la renonciation à la succession</p> <p>La renonciation de l'héritier ou légataire a pour effet de retenir celui-ci comme n'ayant jamais été appelé à la succession du <i>de cuius</i>. Il échappe ainsi aux dettes et aux charges de la succession.</p> <p><u>Article 87:</u> Irrévocabilité de l'option successorale</p> <p>L'acceptation ou la renonciation de l'héritier ou légataire est irrévocable et remonte au jour du décès du <i>de cuius</i>.</p> <p>La renonciation ne devient irrévocable qu'à l'expiration du délai d'option, à moins que cette renonciation n'ait été obtenue par dol, violence ou menace et qu'une action judiciaire soit intentée dans les douze (12) mois qui suivent la date à laquelle ces actes ont cessé. En cas de raisons valables et justifiables, ce délai peut être prolongé.</p>
---	---	--

<p>zigaragara kandi zifatika.</p> <p><u>Icyiciro cya 2: Kugabana umutungo uzungurwa</u></p> <p><u>Ingingo ya 88: Uburyo igabana rikorwamo</u></p> <p>Umutungo uzungurwa ugabanywa uko uri. Agaciro kawo kagenwa umunsi w'igabana.</p> <p>Ariko, bidashobotse ko umutungo uterwa imirwi uko umeze mu migabane ingana, ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa akena inshumbushyanyo abazungura babonye umugabane urenze uwo itegeko cyangwa irage bibemerera, baha ababonye umuto.</p> <p>Iyo habayeho impaka hagati y'abazungura ku gaciro k'umutungo uzungurwa cyangwa kw'iyishyurwa ry'inshumbushyanyo, ikirego gishyikirizwa urukiko rubifiye ububasha akaba arirwo rugena ako gaciro.</p> <p>Iyo ibintu bimwe bidahoshobora kugabanyika uko bikwiye, ababifitemo inyungu bashobora kwemeza kubigurisha bakagabana agaciro kabyo. icyo gihe abazungura bagira uburenganzira bwo kuba babigura mbere y'undi muntu wese.</p> <p><u>Ingingo ya 89: Kurinda inzu y'umuryango</u></p> <p>Iyo mu iseswa ry'imicungire y'umutungo w'abashakanywe, uwapfakaye wari ufutanywe abana na nyakwigendera atabonye inzu</p>	<p><u>Section 2: Partition of property in liquidation</u></p> <p><u>Article 88: Manner of partition of property</u></p> <p>In principle, the partition of the property during liquidation shall be made in-kind. The value of the property is determined at the moment of partition.</p> <p>However, where it is impossible to establish equal shares in-kind, the liquidator determines the compensation to be given by the heirs who receive more than their share to those who receive less.</p> <p>If the heirs disagree on the value of the property in the estate or the payment of compensation, they shall make a request to the competent court to determine the value.</p> <p>When it is impossible to clearly partition property, the interested parties may decide to sell it and share its value. In such a case, heirs have the right to purchase such property before anyone else.</p> <p><u>Article 89: Protection of the family house</u></p> <p>Notwithstanding the matrimonial regime, if the surviving spouse had children with the deceased but did not acquire the family house and its furnishings</p>	<p><u>Section 2 : Partage des biens en liquidation</u></p> <p><u>Article 88 : Modalités de partage des biens</u></p> <p>Le partage des biens en liquidation a lieu en principe en nature. La valeur de ces biens s'estime au moment du partage.</p> <p>Toutefois, lorsqu'il y a impossibilité d'établir l'égalité des parts en nature, le liquidateur détermine une soule que les héritiers ayant reçu une part supérieure à leur part légale ou testamentaire de la succession, donnent à ceux qui ont reçu une part inférieure.</p> <p>Lorsqu'il y a contestation entre les cohéritiers sur la détermination de la valeur des biens ou le paiement de la soule, l'action est portée devant la juridiction compétente qui la détermine.</p> <p>Si certains biens ne peuvent être commodément partagés, les intéressés peuvent décider de procéder à leur vente et en partager le produit. Dans ce cas les héritiers ont un droit de préemption pour l'achat.</p> <p><u>Article 89: Protection du logement familial</u></p> <p>En présence d'enfants communs avec le <i>de cuius</i>, le conjoint survivant qui ne recueille pas la maison conjugale ainsi que les meubles</p>
--	--	---

<p>y'umuryango n'ibiyirimo mu mugabane we, akomeza kuba muri iyo nzu kugeza apfuye hatitawe ku buryo bwo gucunga umutungo yari yarahisemo n'uwo bari barashakanye. Nyamara abazungura babyumvikanyeho n'uwo wafakaye, bashobora kumwishyurira ahandi hantu hatunganye aba.</p>	<p>in his/her share of the property, s/he shall stay in the house until s/he dies. However, s/he may agree with the other heirs to live at another appropriate residence, at their expense.</p>	<p>meublants dans sa part de liquidation du régime matrimonial, en reste usufruitier jusqu'à sa mort, peu importe le régime matrimonial des époux. Cependant les héritiers, de commun accord avec le conjoint survivant, peuvent décider de lui trouver un autre logement convenable, cela à leurs frais.</p>
<p>Iyo uwafakaye agiye kongera gushaka atakaza ubwo burengenzira ku nzu y'umuryango; ihita ifatwa n'abayigabanye. Ariko inama ishinzwe iby'izungura, mu nyungu z'uwo wafakaye cyangwa iz'abana, ishobora kumwemerera gukomeza kuyibamo.</p>	<p>If the surviving spouse remarries, s/he loses the right to use the family house to the benefit of the person who held bare ownership rights. However, in the interests of the surviving spouse or children, the Succession Council may allow him/her to continue staying in the house.</p>	<p>En cas de remariage, le conjoint survivant perd ce droit au logement familial au profit des nu-proprétaires. Néanmoins, le conseil successoral peut, dans son intérêt ou dans l'intérêt des enfants, l'admettre à demeurer usufruitier des mêmes biens.</p>
<p>Iyo uwafakaye nta bana yari afitanye na nyakwigendera, ashobora gusaba ko yahabwa mu mugabane we mbere y'abandi bazungura bose, inzu y'umuryango n'ibiyirimo. Iyo agaciro k'inzu y'umuryango n'ibiyirimo karenze umugabane we, arayigumana ariko agatanga inshumbushanyo.</p>	<p>If the surviving spouse did not have children with the deceased, s/he has the right to claim the family house to the exclusion of the other heirs. If the value of the family house and its furnishings exceed his/her succession share, s/he may keep the house, but must compensate the other heirs.</p>	<p>En l'absence d'enfants communs avec le <i>de cujus</i>, le conjoint survivant peut par préférence à tout autre héritier, exiger que l'on place dans son lot, la maison conjugale et les meubles meublants. Si la valeur de la maison conjugale et des meubles meublants excèdent la part due au conjoint survivant, celui la conserve à charge de soulte.</p>
<p><u>Ingingo ya 90: Gucunga umutungo wazunguwe n'abana bakiri bato</u></p>	<p><u>Article 90: Administration of property of minors</u></p>	<p><u>Article 90: Administration des biens hérités par les enfants mineurs</u></p>
<p>Umutungo wazunguwe n'abana bakiri bato ucungwa n'umubyeyi wabo wasigaye, yaba adahari ugacungwa n'ufite ububashasha bwa kibyezi cyangwa ubishingira.</p>	<p>Property inherited by a minor is administered by the surviving spouse, or if s/he is absent, by the person exercising parental authority or the trustee.</p>	<p>Les biens hérités par les enfants mineurs sont administrés pour leur compte par le conjoint survivant, en son absence par celui qui exerce l'autorité parentale ou la tutelle.</p>
<p>Iyo inama ishinzwe iby'izungura yemeje ko inyungu z'abana zibangamiwe n'ibikorwa</p>	<p>If the administrator prejudices the minor's interests, the Succession Council may urgently file the case</p>	<p>Lorsque le conseil successoral juge préjudiciable aux intérêts de ces enfants les</p>

<p>by'ushinzwe gucunga umutungo barazwe, ishobora gushyikiriza ikirego mu buryo bwihuse isaba urukiko ko yakwamburwa ubwo burenganzira yari yarahawe.</p>	<p>before the court requesting to divest him/her of the right to administer the minor's property.</p>	<p>actes posés par l'administrateur, il peut introduire en justice une demande en référé de déchéance de ce droit d'administration.</p>
<p><u>Ingingo ya 91: Inkurikizi z'igabana</u></p>	<p><u>Article 91: Effects of partition</u></p>	<p><u>Article 91 : Effet du partage</u></p>
<p>Igabana ryemeza uburenganzira busesuye ku mutungo. Kuva aho izungura ritangiriye, buri muzungura afatwa nk'aho yazunguye wenyine ibintu byose biri mu mugabane we.</p>	<p>Partition ensures an absolute right to property. From the commencement of succession, every successor solely and fully inherits the property in his/her share of the estate.</p>	<p>Le partage est déclaratif de droit de propriété. Chaque cohéritier est censé avoir succédé, seul et depuis l'ouverture de la succession, à tous les biens compris dans son lot.</p>
<p><u>Ingingo ya 92: Kugaruza ibyarenze</u></p>	<p><u>Article 92: Retrocession action</u></p>	<p><u>Article 92: Action en rétrocession</u></p>
<p>Iyo nyakwigendera yarengeje igice cy'ibyo yagomba gutanga:</p>	<p>If the deceased exceeds the transferable quota:</p>	<p>Si la quotité disponible a été dépassé par le <i>de cuius</i> :</p>
<p>1° imirage ntitangwa;</p> <p>2° abazungura bashobora gusaba ko ibyarenze ku mpano byagaruzwa, haherewe ku mpanzo zihurutse gutangwa.</p>	<p>1° legacies shall not be executed; and</p> <p>2° each heir may claim restitution to the successoral reserve of donations exceeding the transferable quota, starting from the most recent donations.</p>	<p>1° les legs ne seront pas exécutés ;</p> <p>2° tout héritier peut réclamer la rétrocession, dans la réserve successorale, de la partie d'une donation constituant le surplus de la quotité disponible, en commençant par les donations les plus récentes.</p>
<p>Abazungura bazigamirwa ni uwapfakaye n'abana.</p>	<p>The surviving spouse and children are the sole beneficiaries of the successoral reserve.</p>	<p>Le conjoint survivant et les enfants sont les seuls bénéficiaires de la réserve successorale.</p>
<p><u>Ingingo ya 93: Igihe ntarengwa cyo kugaruza ibyarengejwe</u></p>	<p><u>Article 93: Prescribed time for demanding restitution</u></p>	<p><u>Article 93: Durée prescrite pour la demande en rétrocession</u></p>
<p>Uko byagenda kose, ikintu cyatanzwe mbere y'imyaka itatu ibanziriza umunsi inzungura ritangiriyeho ntigishobora kugaruzwa.</p>	<p>Any property given more than three years before the commencement of succession shall not be subject to restitution.</p>	<p>Dans tous les cas, un bien sorti, trois ans avant la date de l'ouverture de la succession, ne peut être rétrocedé.</p>

<p><u>Ingingo ya 94: Igabana ry’ubutaka buzungurwa</u></p> <p>Haseguriwe ibiteganywa n’amategeko, ubutaka buzungurwa nk’uko undi mutungo utimukanwa uzungurwa.</p> <p>Igabana ryabwo rikorwa nk’uko iry’indi mitungo rikorwa.</p> <p>Nyamara, ubutaka butarengeje hegitari imwe ntibushobora gucibwamo imirwi; ba nyirabwo bumvikana uburyo bwo kubugurisha cyangwa kububya umusaruro maze bakagabana umusaruro.</p> <p><u>TITLE V: INGINGO Z’INZIBACYUHO N’IZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 95: Imanza zitaracibwa n’inkiko</u></p> <p>Imanza zizaba zitaracibwa n’inkiko mu gihe iri tegeko rizaba ritangiye gushyirwa mu bikorwa zizacibwa hakurikijwe iri tegeko; nyamara ntirizagira icyo rihindura ku bikorwa bizaba byararangiye.</p> <p>Niba iri tegeko rihinduye mu mizi ibyashyirwaho byose mu manza zatanzwe hakurikijwe Itegeko rya kera kandi zikaba zitaracibwa, inkiko zizakurikiza itegeko ryariho mbere y’iri.</p>	<p><u>Article 94: The partition of land</u></p> <p>Subject to the exceptions provided by law, land is inherited in the same way as any other immovable property.</p> <p>The partition of land is governed by the same rules as partition of other types of property.</p> <p>However, land smaller than one hectare shall not be partitioned; the co-owners shall agree on either selling it, or retaining it and sharing its fruits.</p> <p><u>TITLE V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 95: Pending cases</u></p> <p>Any cases pending at the time this Law comes into force shall be adjudicated under this Law; it shall not have any retroactive effect on already completed acts.</p> <p>If this Law modifies substantive conditions on which a case has been filed under the former Law and is still pending before courts, the court shall apply the former Law.</p>	<p><u>Article 94: Partage successorale de la propriété foncière</u></p> <p>La propriété foncière est succédée comme tout autre bien immeuble, sauf les exceptions prévues par la loi.</p> <p>Le partage d’une propriété foncière suit les mêmes règles du partage des autres biens.</p> <p>Toutefois, la propriété foncière dont la superficie n’excède pas un hectare ne peut être partagée ; les propriétaires doivent plutôt convenir des modalités de leur vente ou de leur exploitation et se partager les fruits.</p> <p><u>TITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRE ET FINALE</u></p> <p><u>Article 95: Affaires pendantes devant les juridictions</u></p> <p>Les affaires pendantes devant les juridictions lors de l’entrée en vigueur de la présente loi seront jugées conformément à la présente loi sans effet rétroactif sur les actes y relatifs déjà accomplis.</p> <p>Si la présente loi modifie des conditions de fond sur lesquelles est basée une affaire introduite sous l’empire de l’ancienne loi et toujours pendante devant une juridiction, celle-ci appliquera l’ancienne loi.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 96:</u> Ikoreshwa ry’itegeko</p> <p>Izungura ryose ryatangiyeye mbere y’uko iri tegeko rishyirwa mu bikorwa ariko igabana ritaraba, rizakorwa hakurikijwe iri tegeko.</p> <p><u>Ingingo ya 97:</u> Itegurwa, isuzumwa n’itorwa ry’iri tegeko</p> <p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’igifaransa, risuzumwa kandi ritobwa mu Kinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 98:</u> Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’iri tegeko</p> <p>Itegeko n° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuzanya igitabo cya mbere cy’urwunge rw’amategeko y’imbenezamubano kandi rishyiraho igice cya gatantu cyerekeye imicungire y’umutungo w’abashyiranywe, impano n’izungura, kimwe n’inzindi ngingo zose z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko bivanyweho, haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 96 y’iri tegeko.</p> <p><u>Ingingo ya 99:</u> Igihe iri itegeko ritangira gukurikizwa</p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ryatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><u>Article 96:</u> Application of the Law</p> <p>If succession has commenced before this Law entered into force, but the property has not yet been divided, it shall be partitioned in accordance with this Law.</p> <p><u>Article 97:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</p> <p>This Law was drafted in French, considered and adopted in Kinyarwanda.</p> <p><u>Article 98:</u> Repealing provisions</p> <p>Law n° 22/99 of 12/11/1999 supplementing Book 1 of the Civil Code and instituting Part Five regarding Matrimonial Regimes, Liberalities and Successions, and all prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed, except as provided in Article 96 of this Law.</p> <p><u>Article 99:</u> Commencement</p> <p>This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 96</u> Application de la loi dans le temps</p> <p>Les successions ouvertes avant l’entrée en vigueur de la présente loi mais qui sont encore en indivision successorale, seront partagées conformément à la présente loi.</p> <p><u>Article 97</u> : Initiation, examen et adoption de la présente loi</p> <p>La présente loi a été initiée en français, examinée et adoptée en Kinyarwanda.</p> <p><u>Article 98:</u> Disposition abrogatoire</p> <p>La Loi n° 22/99 du 12/11/1999 complétant le livre premier du code civil et instituant la cinquième partie relative aux régimes matrimoniaux, aux libéralités et aux successions ainsi que toutes les autres dispositions légales contraires à la présente loi sont abrogées, sous réserve des dispositions de l’article 96 de la présente loi.</p> <p><u>Article 99</u> : Entrée en vigueur</p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	---	---

<p>Kigali,</p> <p>KAGAME Paul Perezida wa Repubulika</p>	<p>Kigali,</p> <p>KAGAME Paul President of the Republic</p>	<p>Kigali,</p> <p>KAGAME Paul Président de la République</p>
<p>Dr HABUMUREMYI Pierre Damien Minisitiri w'Intebe</p>	<p>Dr HABUMUREMYI Pierre Damien Prime Minister</p>	<p>Dr HABUMUREMYI Pierre Damien Premier Ministre</p>

<p>Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:</p> <p>KARUGARAMA Tharcisse Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</p> <p>KARUGARAMA Tharcisse Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p> <p>KARUGARAMA Tharcisse Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>
--	--	--